REPUBULIKA Y'U RWANDA

RAPORO Y'IBIKORWA 2006

URWEGO RW'UMUVUNYI

B.P. 6269 KIGALI

Mutarama 2007

IJAMBO RY'IBANZE

Ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi bisozwa buri mwaka na raporo igomba gushyikirizwa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga bikagenerwa kopi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 23 y'Itegeko n°25/2003 rigena imitere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi.

Ruhereye ku nshingano ruhabwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, Urwego rw'Umuvunyi rwahawe inshingano yo kwimakaza imiyoborere myiza mu nzego za Leta n'izigenga no gushishikariza abayobozi mu nzego zose gukorera mu mucyo.

Urwego rw'Umuvunyi mu kurangiza iyo nshingano rwakiriye runasuzuma ibibazo by'akarengane rwashyikirijwe n'abantu ku giti cyabo n'amashyirahamwe yigenga. Mu gushakira ibisubizo ibyo bibazo, Urwego rw'Umuvunyi rwahuje abantu cyangwa amashyirahamwe n'inzego bafitanye ibibazo kugira ngo bishakirwe ibisubizo byumvikanyweho bikomoka ku bikorwa by'inzego za Leta, iby'abakozi bayo, iby'abikorera ndetse n'iby'abantu ku giti cyabo.

Raporo y'umwaka wa 2006 iragaragaza ibyakozwe mu gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego za Leta n'izigenga hakoreshejwe kureba imikorere y'izo nzego no gusuzuma ko amategeko azigenga adaha icyuho akarengane na ruswa.

Iyi raporo irerekana ibyagezweho mu gikorwa cy'imenyekanishamutungo ry'abayobozi n'abandi bakozi bateganywa n'Itegeko rigena abagomba kumenyekanisha umutungo mu Rwego rw'Umuvunyi.

Umwaka wa 2006 ugaragaza by'umwihariko igikorwa cyo gusuzuma inkomoko y'umutungo wa bamwe mu bakorewe isuzuma ry'imenyekanishamutungo bakoze mu nyandiko zuzuzwa buri mwaka.

Urwego rw’Umuvunyi rurashimira inzego za Leta n’izigenga n’abanyarwanda bose barufashije kugera ku nshingano rwahawe.

Umuvunyi Mukuru,

Tito RUTAREMARA

IRIBURIRO

Urwego rw'Umuvunyi rwakomeje imirimo rwatangiye mu myaka ibiri ishize rushimangira ibikorwa bishingiye ku nshingano rwahawe n'Itegeko rigena imiterere yarwo arizo guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigenga; gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo; kwakira ibibazo by'akarengane; kwakira, kubika no gukurikirana buri mwaka inyandiko zigaragaza imitungo nyakuri y'Abayobozi b'Igihugu n'abandi bakozi bateganywa n'Itegeko Nshinga ryo ku wa 04/06/2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.

Mu rwego rwo gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo rwibanze ku gutegura amahugurwa ahabwa abaturage, ibiganiro bihabwa abakozi ba Leta n'ab'ibigo byayo, ab'ibigo n'imiryango itegamiye kuri Leta kugira ngo imikorere n'imyitwarire byabo birusheho kunogera abaturage. Ni muri urwo rwego abaturage bo mu turere Karongi, Ngororero, Rutsiro, Muhanga, Ruhango, Nyamagabe, Nyaruguru, Kamonyi, Bicumbi, Rulindo, Ngoma, Kayonza na Kirehe basuwe bahugurwa mu bijyanye n'imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi no ku itegeko rya ruswa.

Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bafatanije kurangiza ibibazo by'abaturage mu ruhame,abaturage babigizemo uruhare. Abaturage bashishikarijwe kandi, kurwanya no kwamagana no kwanga ruswa n'akarengane aho biri hose, byaba ngombwa bikamenyeshwa inzego zibishinzwe ngo zibikurikirane.

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi ibibazo bigera kuri 961 muri byo 459 byararangiye; 203 byashyikirijwe izindi nzego; 11 biracyakurikiranwa; 288 ni ibibazo byamenyeshejwe Urwego rw'Umuvunyi ariko bigikurikiranwa n'izindi nzego.

Mu gikorwa cyo gukumira akarengane ruswa n'ibyaha bifitanye isano mu nzego za Leta harebwaga niba zikora hakurikijwe amategeko azigenga, niba ayo mategeko adaha icyuho akarengane na ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, niba zifite uko zigenzura n'uko zigenzurwa. Hasesenguwe inshingano za buri rwego, ibyagezweho, ibitaragerwaho n'uko byagerwaho;

hasuwe ibigo 10 byo mu rwego rw'ubuzima, amashuri atandukanye n'ibigo 4 bikorana na Minisiteri y'uburezi. Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye kandi ibibazo 36 bijyanye na ruswa.

Mu gikorwa cyo kwakira no gukurikirana inyandiko z'imenyekanishamutungo z'abayobozi bakuru b'igihugu, intumwa za rubanda, abayobozi n'abacungamutungo, abacamanza, abashinjacyaha, abahagarariye u Rwanda mu mahanga, abakozi bo mu bigo bya Leta n'ibyo Leta ifitemo imigabane, abayobozi b'intara, uturere n'imirenge n'ab'ibigo by'amashuri bitabiriye igikorwa cyo kumenyekanisha imitungo yabo. Hatanzwe inyandiko 4132, abazujuje kandi bazigaruriye Urwego rw'Umuvunyi ni 3679 aribyo bihwanye na 89%.

Abanyarwanda barebwa n'icyo gikorwa bazakomeza kugikangurirwa ariko abatacyitabira bazafatirwa ibyemezo.

Isuzuma ry'imitungo naryo riragenda rikorwa, ibidasobanutse bizajya bimenyeshwa inzego zigomba kubikurikirana.

I. GUHUZA UMUTURAGE N'INZEGO Z'UBUTEGETSI ZA LETA N'IZIGENGA.

Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano yo guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigenga nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3, 1° y'Itegeko n° 17/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2003 ryo ku wa 15/08/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi.

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ubuvugizi mu nzego bireba ku bibazo bikomoka ku itinda ry'ivugururwa ry'amategeko akurikira:

- itegeko rigenga komite z'abunzi;
- itegeko ryerekeye abahesha b'inkiko.

Nyuma y'ivugurura ry'inzego z'ubutegetsi ryatangiye mu kwezi kwa Mutarama 2006, byari ngombwa no kuvugurura itegeko ryerekeye imiterere n'imikorere ya komite z'abunzi zakoreraga ku rwego rw'umurenge.

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ubuvugizi rusaba ko iryo tegeko ryakwihutishwa hamaze kugaragara ibibazo abayobozi b'inzego z'ibanze bahuraga na byo kubera ubwinshi bw'ibibazo bakiraga byagombye kujya mu nzego z'abunzi. Ikindi cyashingiweho mu gukora ubwo buvugizi kwari ukugira ngo imikorere ya komite z'abunzi ibe imwe mu gihugu hose kuko hari uturere tumwe na tumwe byagaragaye ko abunzi bari bagikomeje gukora kandi nta mabwiriza asobanutse ahari ari kuri bo ari no ku baturage babagana. Impungenge Urwego rwari rufite zari zishingiye ko ifasi y'imirenge yahindutse ku buryo komite zari zisanzweho zitashoboraga gukorera mu ifasi nshya y'imirenge bityo ugasanga abo bunzi bakorera mu mafasi atakibaho; ibibazo bakemuraga ntibyashyirwagaho kashe mpuruza n'urukiko kuko inkiko zavugaga ko izo komite zitemewe n'amategeko. Ni muri urwo rwego hashyizweho Itegeko Ngenga N° 31/2006 ryo ku wa 14/08/2006 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya komite y'abunzi nk'uko Urwego rw'Umuvunyi rwabikoreye ubuvugizi.

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze na none ubuvugizi kugira ngo hajyeho Iteka rya Minisitiri rigena abahesha b'inkiko bo mu bakozi ba Leta n'abakozi bo mu nzego z'ibanze nk'uko biteganywa n'Itegeko n° 09/2006 ryo ku wa 02/03/2006 rihindura kandi ryuzuza Itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

Mu gihe hakorwaga ivugurura ry'inzego z'ubutegetsi za Leta kuva muri Mutarama kugeza muri Werurwe 2006, abari bafite ububasha bwo kurangiza imanza mu nzego z'ibanze (abahuzabikorwa b'imirenge n'abayobozi b'uturere) ntibari bakiri mu myanya y'ubuyobozi kuko uturere n'imirenge byayoborwaga n'abanyamabanga nshingwabikorwa b'agateganyo. Itegeko n° 09/2006 ryo ku wa 02/03/2006 ryavuzwe haruguru rimaze kuvugururwa ryateganyaga ko hajyaho iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena abahesha b'inkiko bo mu bakozi ba Leta n'abakozi bo mu nzego z'ibanze. Birumvikana ko imanza zitari zikirangizwa bitewe n'uko nta bari babifitiye ububasha mu nzego z'ibanze kandi abanditsi b'inkiko bari babifitiye ububasha

bafite imirimo myinshi, bikanagora abaturage kwiyambaza abahesha b'inkiko b'umwuga. Ibyo byatumye haba umubare munini w'imanza zitarangijwe kandi abaturage bahora basiragira mu nzego z'ubuyobozi kugira ngo zibaheshe ibyo batsindiye. Nyuma y'ubwo buvugizi Minisitiri w'Ubutabera yashyizeho Iteka N° 114/11 ryo ku wa 03/08/2006 riha abakozi ba Leta bo mu nzego z'ibanze ububasha bwo kurangiza imanza, ibyemezo by'inkiko n'inyandiko ziriho kashe mpuruza.

Muri rusange, usibye ibyo bibazo bikuru byakorewe ubuvugizi, hari n'ibindi bibazo by'abaturage Urwego rw'Umuvunyi rwakemuye ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi cyangwa mu ngendo rukorera hirya no hino mu turere.
Guhuza umuturage n'inzego z'ubuyobozi za Leta n'izigenga bifasha gukemura ibibazo byagaragaye hagati y'impande ebyiri, bikaba na bumwe mu buryo bwo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo. Ni muri urwo rwego Urwego rw'Umuvunyi rwafashije abaturage bafite ibibazo kugera ku buyobozi bwabibarangiriza.

Urwego rw'Umuvunyi rwagiriye kandi inama abaturage z'uko barangiza ibibazo byabo cyane cyane ku bibazo by'imanza, rubasobanurira amategeko, rubafasha kujurira cyangwa gusubirishamo imanza rubereka ingingo nshya.

II. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU NZEGO Z'UBUTEGETSI BWA LETA N'IZIGENGA

Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano ikomeye yo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego z'ubutegetsi bwa Leta n'izigenga . Mu bikorwa bijyanye n'iyi nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye runatanga ibiganiro bigamije gukangurira abaturage mu mirenge batuyemo kumenya no guharanira uburenganzira bwabo no gushishikariza abayobozi n'abakozi bo mu nzego z'ibanze, abo mu nzego nkuru z'igihugu, abo mu bigo bya Leta

n’ibyigenga n’abanyamakuru ba Leta n’abigenga kurushaho kuzuza inshingano zabo hagamijwe gukumira no kurwanya akarengane gashobora kugaragara mu mikorere yabo.

Urwego rw’Umuvunyi rwahuguye kandi abanyeshuri bo mu bigo by’amashuri yisumbuye n’abahagarariye amashyirahamwe y’urubyiruko rwo mu mashuri makuru hagamijwe gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n’ibyaha bifitanye isano na yo mu buryo burambye.

Urwego rw’Umuvunyi rwasuye ibigo binyuranye bya Leta, rusuzuma niba imikorere yabyo n’amategeko abigenga bidaha icyuho ruswa n’akarengane kandi rutanga inama z’uburyo ibidatunganye byakosorwa.

II.1. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE, RUSWA N’IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU NZEGO Z’IBANZE, MU MASHURI YISUMBUYE N’AMAKURU, MU NZEGO Z’ITANGAZAMAKURU NO MU NZEGO Z’UBUYOBOZI ZA LETA N’IZIGENGA.

II.1.1. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE, RUSWA N’IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU BATURAGE.

Hashingiwe kuri gahunda y’ibikorwa y’umwaka wa 2006, Urwego rw’Umuvunyi rwasuye Intara y’Iburengerazuba mu Turere twa Karongi, Ngororero na Rutsiro, Intara y’Amajyepfo mu Turere twa Muhanga, Ruhango, Nyamagabe, Nyaruguru na Kamonyi, Intara y’Amajyaruguru mu Turere twa Gicumbi na Rulindo n’Intara y’Iburasirazuba mu Turere twa Ngoma, Kayonza, Rwamagana na Kirehe. Icyo gikorwa kikaba cyarasozaga gahunda yari yaratangiye mu mwaka wa 2005 yo guhugurira abaturage ibijyanye n’imiterere n’imikorere y’Urwego rw’Umuvunyi, kwakira no gushakira ibisubizo ibibazo by’akarengane.

Mu biganiro abaturage basobanuriwe inshingano n’imiterere y’Urwego rw’Umuvunyi, imikorere n’imikoranire yarwo n’izindi nzego, n’imiterere y’ibibazo rukurikirana. Bashishikarijwe kandi kumenya no guharanira uburenganzira bwabo ndetse no kuzuza inshingano zabo. Hagamijwe

kubarinda guhora basiragira mu nzego z'ubuyobozi zinyuranye, abaturage bakanguriwe kugira uruhare rukomeye mu kwikemurira ibibazo ubwabo no mu miryango yabo, byaba ngombwa bakiyambaza inzego zibegereye, kandi bakazigirira icyizere kuko zifite inshingano n'ubushake bwo kubarangiriza ibibazo.

Urwego rw'Umuvunyi rwashimangiye kandi uruhare rw'abaturage mu kwanga, kwamagana no kurwanya ruswa n'indi mico mibi yose igaragaramo akarengane na ruswa.

Icyo gikorwa cyo guhugura abaturage cyitabirwaga kandi n'abayobozi bo mu nzego z'ibanze barimo abashya binjiye mu buyobozi nyuma y'ivugurura ry'inzego z'ubutegetsi za Leta nk'abagize komite z'imidugudu, abagize nyobozi z'utugari n'abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugari. Abo bayobozi bashya bakanguriwe kurangwa n'imikorere myiza igihe buzuza inshingano zabo, gukorera mu mucyo, kwirinda ibikorwa byose bya ruswa no guteza imbere abaturage bayobora.

Nyuma y'ikiganiro, hakurikiragaho icyiciro cyo kwakira no gukemura ibibazo by'akarengane. Urwego rw'Umuvunyi rufatanyije n'abaturage n'abayobozi bo mu nzego z'ibanze bageragezaga gushakira hamwe imyanzuro y'ibibazo byakiriwe mu nama. Iyo gahunda ikaba ishimwa n'abayobozi n'abaturage cyane cyane ko ari urugero rwiza rwo gukorera mu mucyo, igafasha mu gukemura ibibazo by'abaturage bahoraga mu nzira bitewe n'uko abayobozi birengagije kubikemura, ariko kandi ikanashyira ahagaragara abaturage bagonganisha inzego n'abanga kuva ku izima kandi ibibazo byabo byarakemuwe uko bikwiye. Ibibazo bitakemurirwaga aho, cyane cyane ibitareba ubuyobozi bw'inzego z'ibanze, bikurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi mu nzego bireba.

II.1.2. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU BAYOBOZI N'ABAKOZI B'IMIRENGE

Hakurikijwe gahunda y'ibikorwa byo mu mwaka wa 2006, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye amahugurwa agenewe abayobozi n'abakozi bo mu nzego z'ibanze, rugamije kubongerera

ubumenyi ku bijyanye n'imiyoborere myiza, kubashishikariza kunoza imikorere yabo no kubakangurira gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego bayobora. Abo bayobozi n'abakozi bari barashyizwe mu myanya y'akazi nyuma y'ivugurura ry'inzego z'ubutegetsi za Leta ryakozwe guhera mu kwezi kwa Mutarama 2006.

Abanyamabanga nshingwabikorwa n'abakozi b'imirenge bari kumwe na bamwe mu bakozi b'uturere bakanguriwe kuzuza inshingano zabo ku gihe, kwegera abaturage, umurenge ukaba ishingiro nyakuri ry'iterambere. Basobanuriwe akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ibyo ari byo, impamvu zibitera, uko byigaragaza, ingaruka zabyo ku muntu ku giti cye no ku gihugu cyose. Muri rusange akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ni inzitizi zikomeye zatuma imiyoborere myiza Igihugu cyacu cyifuza itagerwaho. Abahuguwe bafashe n'ingamba zo kubihashya no kubikumira kugira ngo baharanire imiyoborere n'imikorere iboneye, bwo buryo bwo kugera ku mibereho myiza y'abaturage.

Abari bateganijwe guhugurwa ni 2344, abahuguwe ni 2.063. Abahuguwe bagaragaje inzitizi zibangamira akazi kabo zirimo:

- Izijyanye n'imikorere mu nzego z'ibanze cyane cyane mu tugari aho usanga hari abayobozi n'abakozi bamwe bakirangwa n'umuco n'imigenzo bigaragaramo isoko ya ruswa n'akarengane nko kugira icyo usaba umuturage kugira ngo umukemurire ikibazo.

  Hakurikijwe ko inshingano z'abayobozi n'abakozi bo mu nzego z'ibanze ari ugukorera abaturage, kwita ku mibereho myiza yabo no kubakemurira ibibazo.

  Urwego rw'Umuvunyi rurasaba inzego bireba harimo cyane cyane Minisiteri ifite imiyoborere myiza mu nshingano zayo, intara n'uturere gukomeza gushishikariza abayobozi n'abakozi bo mu nzego z'ibanze kuzuza inshingano zabo nta mananiza bashyize ku baturage, kandi birinda gucuruza serivisi batanga.

- Amikoro n'ubushobozi bikiri bike ku murenge: ibyangombwa byose byafasha umurenge kuzuza inshingano zawo ntibyari byaboneka ku mirenge myinshi nk'uburyo bw'ingendo,

itumanaho, ibikoresho byo mu biro n'ibindi, n'ibiboneka ntibibonekera ku gihe bigatuma imirimo ikorerwa abaturage idindira.

Urwego rw'Umuvunyi rurasanga kugira ngo inzego z'ibanze zibashe gushyira mu bikorwa politiki rusange ya Leta zigomba kuba zifite ubushobozi zongererwa n'inzego nkuru. Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ko amafaranga cyangwa ibikoresho inzego nkuru ziba zemeye ko byajya bitangirwa igihe kandi bigatangwa uko byemewe.

- Amwe mu mategeko ashyirwaho ateganya ibintu bifite ingaruka zikomeye ku baturage ntihashyirweho uburyo bwo kubibamenyesha.

Urugero ni Itegeko ngenga rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya komite y'abunzi, aho riteganya mu ngingo ya 30 ko «*Kuregera imyanzuro yafashwe na komite z'abunzi nyuma y'itariki ya 31/12/2005, kimwe n'iyafashwe mbere y'iyo tariki, itari yaregewe, ariko kandi igihe cyo kurega cyari kitararangira, bikorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) kuva iri tegeko ngenga ritangiye gukurikizwa*»; ibyo bikaba bifite ingaruka ku baturage kuko nta buryo bwabayeho bwo kubamenyesha ibikubiye muri iyo ngingo kugira ngo abafite bene ibyo bibazo biyambaze urukiko.

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba Minisiteri y'Intebe, Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo ndetse n'ifite imiyoborere myiza mu nshingano zayo ko zareba uburyo abayobozi n'abakozi bo mu nzego z'ibanze bakoroherezwa bagezwaho Igazeti ya Leta kugira ngo bamenye amategeko aba yatangajwe banayamenyeshe abaturage kandi n'amabwiriza abareba bakajya bayamenyeshwa ku gihe.

- Imyumvire y'abaturage n'ibisigisigi by'imico gakondo ikurura ruswa n'akarengane no kutamenya uruhare rwabo mu miyoborere.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze harakozwe ivugururwa ry'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta kugira ngo abayobozi batange serivisi zinoze kandi nta kiguzi iyo kidateganyijwe, ariko hari abaturage batarumva neza ishingiro ry'iryo vugurura bakaba bagifite imyumvire yo gutanga ikiguzi kidateganijwe n'amategeko kuri serivisi bafitiye uburenganzira.

Hari n'abaturage batarumva uruhare rwabo mu buyobozi bw'umudugudu, utugari, imirenge n'uturere. Bumva ko ubuyobozi buhariwe abayobozi n'abakozi bonyine, bityo bagaheruka batora cyangwa babona umukozi ashyirwaho, ntibagire ubushake bwo kubafasha gusohoza neza inshingano zo kubakorera, cyane cyane ko hari igihe biterwa n'uko abaturage batamenya ibyemezo bifatwa kubera kutitabira gahunda za Leta.

II.1.3. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU MASHURI YISUMBUYE N'AMAKURU

Urubyiruko rw'u Rwanda niyo mizero yarwo mu gihe kiri imbere. Ni yo mpamvu hagamijwe gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu buryo burambye, kugira ngo urubyiruko rukurane umuco wo kwanga akarengane na ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwakomeje gahunda yari yaratangiye mu mwaka wa 2005 yo guhugura abanyeshuri bo mu bigo by'amashuri yisumbuye; Urwego rwahuguye kandi abahagarariye amashyirahamwe y'urubyiruko rwo mu mashuri makuru.

Ibiganiro mu mashuri yisumbuye byitabirwaga n'abanyeshuri, abarezi n'abayobozi b'ibigo by'amashuri, bikibanda ku miterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, barebera hamwe ingeri z'akarengane na ruswa bishobora kugaragara mu mashuri (guhabwa amanota make ku yo umunyeshuri yagombaga kubona, gutotezwa n'umurezi cyangwa umuyobozi bishingiye ku mpamvu zinyuranye zirimo n'ivangura, kugura amanota...); hagafatwa n'ingamba zo kubikumira, kimwe n'izindi ngeso mbi zose zishobora kuboneka mu bigo by'amashuri nko gukopera, gusohoka mu kigo nta burenganzira, n'ibindi.

Ikibazo cyakunze kugaruka kenshi ni icyerekeye umushahara muto w'abarimu utuma rimwe na rimwe bacika intege ntibatange amasomo uko bikwiye, ndetse bikanabatera guhora bashakisha ahandi babona akandi kazi kazamura imibereho yabo.

Mu bigo bimwe na bimwe abitabiriye amahugurwa bagiye bagaragaza ko hari amasomo batinze kwiga kubera ko abarimu bari barahawe akazi mu mirenge nyuma y'ivugururwa ry'inzego z'ubutegetsi za Leta.

Urwego rw'Umuvunyi rurishimira intambwe Leta yateye mu gushakira abarimu uburyo bwo kuzamura imibereho yabo ibashyiriraho ikigega kizabafasha mu kubona inguzanyo, ariko rugasanga na none Leta ikwiye gukomeza gushakisha n'ubundi buryo bwose bushoboka bwafasha abarimu kwiteza imbere.

Urwego rw'Umuvunyi rubitewemo inkunga n'Umuryango Norwegian People's Aid rwahuguye abanyeshuri bo mu mashyirahamwe y'urubyiruko rwo mu mashuri makuru hagamijwe kubakangurira kwanga no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo no kubashishikariza kubikangurira urubyiruko rwo mu mashuri n'urubyiruko rutagize amahirwe yo kwiga. Nyuma y'ayo mahugurwa urubyiruko rwayitabiriye rwiyemeje gushyiraho amahuriro yo kurwanya akarengane na ruswa.

II.1.4. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU NZEGO Z'ITANGAZAMAKURU

Itegeko n°23/2003 ryo ku wa 07/08/2003 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu ngingo ya 9 riteganya ko itangazamakuru rigomba kugira uruhare mu gukumira no kurwanya ibikorwa bya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ryamenye mu nzego zose z'imirimo, ribishyira ahagaragara.

Urwego rumaze kubona ko urwo ruhare ari ngombwa, rwateguye icyiciro cya mbere cy'amahugurwa agenewe abanyamakuru bakora ku maradiyo no mu binyamakuru bya Leta n'ibyigenga bikorera mu Rwanda hagamijwe kubakangurira ubufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi n'izindi nzego zishinzwe gukumira no kurwanya akarengane na ruswa.

Ayo mahugurwa yibanze cyane cyane ku myifatire y'umunyamakuru mu gutangaza inkuru zerekeranye na ruswa hubahirijwe amategeko y'umwuga w'itangazamakuru. Basobanuriwe by'umwihariko itegeko ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa herekanwa ibikorwa

bimwe na bimwe bifitanye isano na ruswa abantu bashyize mu mico yabo kandi ibyo bikorwa bifitanye isano na ruswa. Bibukijwe ko umunyamakuru agomba gutangaza amakuru afitiye gihamya, akirinda kugwa mu mutego wa ruswa yahabwa n'abafite umutima wo guharabika abandi hihishe inyuma inyungu zabo bwite.

Nyuma y'amahugurwa, abanyamakuru basobanukiwe kandi inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi barushaho no gusobanukirwa n'uburyo izo nshingano zishyirwa mu bikorwa ndetse biyemeza gushyira ingufu mu gikorwa cyo gukumira ruswa aho yaba ituruka hose.

II. 1. 5. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU NZEGO ZA LETA N'IZIGENGA

Urwego rw'Umuvunyi rwagiranye ibiganiro n'abayobozi hamwe n'abakozi bo mu bigo byigenga, mu bigo bya Leta no mu nzego nkuru z'igihugu hagamijwe kubakangurira kunoza imikorere n'imikoranire yabo n'Urwego rw'Umuvunyi no kugira uruhare mu gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo mu mirimo bakora.

Mu bigo byigenga n'ibyo Leta ifitemo imigabane byagiranye ibiganiro n'Urwego rw'Umuvunyi harimo ibigo by'ubwishingizi (SONARWA, SORAS, COGEAR na CORAR), UTEXRWA, BRALIRWA n'Ishyirahamwe rya Banki z'Abaturage mu Rwanda. Urwego rwabamenyesheje imiterere y'ibibazo bireba ibyo bigo abaturage bakunze kurushyikiriza. Ku birebana n'ibigo by'ubwishingizi by'umwihariko, ibibazo birebana cyane cyane no gusiragiza abaturage kubera kutabahera igihe amafaranga y'indishyi zikomoka ku mpanuka kabone n'iyo habayeho imanza. Muri rusange, ibibazo bibonekamo ni nko kwirukana abakozi badahawe ibyo amategeko abemerera.

Nyuma y'ibyo biganiro abayobozi n'abakozi b'ibyo bigo basezeranyije Urwego rw'Umuvunyi ko bazarushaho kunoza imikorere batanga serivisi zinogeye ababagana kuko n'ubusanzwe ari yo ntego yabo.

Urwego rw'Umuvunyi rwaganiriye kandi n'abayobozi n'abakozi ba zimwe mu nzego nkuru z'igihugu ari zo Perezidansi ya Repubulika, Minisiteri y'Intebe na minisiteri zose, na bimwe mu bigo bya Leta nka ELECTROGAZ na Banki Nkuru y'Igihugu.

Urwego rw'Umuvunyi rwabashishikarije by'umwihariko kwita ku gikorwa cyo kugenzura imikorere y'inzego bakuriye kugira ngo irusheho kunogera abaturage no gutanga urugero rwiza mu gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo kuko na byo biri mu nshingano zabo.

Muri rusange, abitabiriye ibiganiro bagiye bagaragaza ko babyishimiye kuko barushijeho gusobanukirwa n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi n'uburyo bakorana kandi bakuzuzanya mu guteza Igihugu cyacu imbere.

II.2 GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU NZEGO Z'UBUTEGETSI ZA LETA.

Urwego rw'Umuvunyi rwasuye inzego z'ubuzima n'iz'uburezi nk'uko byari biteganijwe muri gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2006.

II. 2.1. INZEGO Z'UBUZIMA.

Mu nzego z'ubuzima hasuwe:

- Ibitaro n'ibigo nderabuzima;
- Ibitaro bya Kaminuza bya Kigali (CHUK);
- Ibitaro byitiriwe Umwami Faisal (KFH);
- Ubwishingizi ku ndwara bw'abakozi ba Leta (RAMA);
- Ubwisungane mu kwivuza bwa gisirikare (MMI);
- Ishami rya Komisiyo ya démobilisation rishinzwe kuvuza abasezerewe mu ngabo;
- Komisiyo ishinzwe kohereza abarwayi kwivuza mu mahanga;

- Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya SIDA (CNLS) n'Ikigo gishinzwe ubushakashatsi no gupima agakoko gatera SIDA(TRAC);
- Ikigo gishinzwe gutumiza imiti y'ibanze (CAMERWA);
- Ikigo cy'amadini gishinzwe gutumiza imiti no kuyiranguza amavuriro (BUFMAR).

Urwego rw'Umuvunyi rwasuye izo nzego n'ibigo by'ubuzima rugamije kureba ko zikora hakurikijwe amategeko azigenga, niba ayo mategeko adaha icyuho akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, niba bifite uko byigenzura n'uko bigenzurwa.
Raporo iragaragaza inshingano za buri rwego rwasuwe, ibyo rwagezeho, ibyo rutagezeho n'inama z'uko byagerwaho.

Urwego rwakurikiranye imyigishirize y'amashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye, ibigo byigisha imyuga icirirtse, ayigisha abacikije amashuri abanza, amasomero y'abantu bakuru batazi gusoma no kwandika. Urwego rw'Umuvunyi rwasuye kandi ibigo bikurikirana imyigishirize nk'Ubugenzuzi Bukuru bw'Uburezi, Inama y'Igihugu Ishinzwe Ibizamini, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho.

Mbere yo gusura izo nzego zose Urwego rwagiranye ibiganiro na za minisiteri kugira ngo rumenye politiki y'Igihugu kubyerekeye ubuzima n'uburezi.

II. 2.1.1. IBITARO N'IBIGO NDERABUZIMA

Ibitaro n'ibigo nderabuzima bifite inshingano zo gukora ibikorwa by'ubuvuzi biteganywa mu ngingo ya 3 y'Itegeko n° 20/98 ryo kuwa 28 ukwakira 1998 ryerekeye ubuhanga bwo kuvura. Ibyo bikorwa by'ubuvuzi ni ibi bikurikira: gukingira indwara, gusuzuma imibereho y'ubuzima bw'abantu, gutahura indwara n'uburema, kwemeza uko uburwayi bwavurwa, kuvura uburwayi bw'umubiri bugaragara cyangwa butagaragara, gukurikirana ababyeyi batwite no gukurikirana abana kuva basamwe kugeza bavutse na nyuma yaho.
Ibitaro bifite kandi inshingano yo gukurikirana imikorere y'ibigo nderabuzima biri mu karere bigenzura, kubagezaho ibikoresho no guhugura abakozi babyo.

Ibyagezweho

Mu gukumira akarengane na ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze ibitaro n'ibigo nderabuzima byihatira kwakira abarwayi neza, bishyiraho gahunda yo kudasumbanya abarwayi, bakakirwa kandi bakavurwa bakurikije uko baje.

Mu rwego rw'imikoreranire y'ibitaro n'ibigo nderabuzima, Urwego rwasanze abarwayi boroherezwa ku ndwara zimwe na zimwe z'ibyorezo nk'igituntu na SIDA ku buryo bafatira imiti ku bigo nderabuzima bibegereye. Uko kwegereza abaturage izo serivisi bituma abaturage baticwa cyane n'izo ndwara.
Urwego rw'Umuvunyi rwasanze mu mikorere n'imicungire y'ibigo nderabuzima abaturage bagiramo uruhare rugaragara binyuze mu kanama k'ubuzima ka buri kigo.

Ibitaragerwaho

Ibitaro bigenda bibura abaganga kubera ko bakunze kubivamo bajya gukorera imishinga n'imiryango itegamiye kuri Leta, bakurikiye umushahara munini uruta uwa Leta ibyo bikaba byagira ingaruka ku buzima bw'abaturage. Kuba abaganga ari bake cyane mu bitaro, umushahara muke n'umubare muto bituma bamwe mu baganga bakora nabi, inzego zishinzwe kubafatira ibyemezo, ntizibikore zitinya ko bata akazi.

Mu rwego rwo kunganira abakozi ubuyobozi bw'ibitaro n'ibigo nderabuzima bitanga agahimbazamusyi ariko bikagatanga ku buryo bunyuranye. Hari nk'aho bubikora hakoreshejwe igabana ry'amafaranga ibitaro byinjije ku buryo byaha icyuho akarengane na ruswa abaturage basabwa kwishyura menshi ngo bazagabane atubutse. Urwego rwasabye ko ivugururwa ry'imishahara y'abaganga ryakwihutishwa, urugaga rw'abaganga rugashyira ingufu mu gukurikirana imyifatire yabo. Rurasaba kandi Minisiteri y'Ubuzima gushyiraho umurongo ngenderwaho mu gutanga agahimbazamusyi.

Urwego rwasanze ahenshi abaganga batiyongerera ubumenyi ngo bamenye aho ubuvuzi bugeze. Urwego rurasaba Minisiteri y'Ubuzima gushyiraho ingamba zo kongerera ubumenyi abaganga n'abaforomo kandi ikaba gahunda ihoraho.

Mu bitaro hagaragaramo abakozi batize amashuri yose y'ubuforomo bagakora ikizamini cy'abanyeshuri bigenga bakabona impamyabumenyi y'ubuforomo kandi hari amasomo amwe n'amwe batize, kuko batarangije gahunda y'amasomo y'imyaka itandatu.

Urwego rwishimiye ko gahunda y'imyigishirize y'ubuforomo yavanywe muri Minisiteri y'Uburezi ikajyanwa muri Minisiteri y'Ubuzima, kugira ngo irusheho gukurikiranwa neza kandi ko ubu nta wemererwa gukora ikizamini cy'abanyeshuri bigenga atarize amasomo yose ajyanye n'ubuforomo. Ikibazo gisigaye ku babonye impamyabushobozi z'icyo gihe mbere bakaba bakwiye guhugurwa bahabwa amasomo y'ingenzi.

Mu isura ry'amavuriro hagaragaye ko abaganga n'abaforomo bashobora kwandura indwara bitewe n'ibikoresho n'abarwayi bavura ariko bikagorana kugaragaza ko ari impanuka y'akazi.

Urwego rwishimiye ko Minisiteri y'ubuzima yatangiye kwiga uburyo hajyaho ubwishingizi bwihariye ku bakozi bavura.

Urwego rwasanze mu bitaro abakozi bahindurirwa imirimo uko ibitaro bibonye umuyobozi mushya; iyo mikorere inyuranye n'amategeko agenga ishyirwa mu myanya ry'abakozi bikaba inkomoko y'ubwumvikane buke bw'abakozi kubera itonesha bikaba byatuma imirimo ikorwa nabi.

Urwego rw'Umuvunyi rusanga guhinduranya abakozi byakorwa n'inama y'ubuyobozi bw'ibitaro mu nyungu z'akazi; aho zitari inzego bireba zikihutira kuzishyiraho.

Urwego rw'Umuvuyi rwasanze kandi hari abaganga bamwe na bamwe batandika ku ifishi y'umurwayi uri mu bitaro uko bamusuzumye, kandi byagombye gufasha abandi baganga mu ikurikirana ry'umurwayi igihe haje undi akaba yamenya uko umurwayi yari ameze. Urwego

rw’Umuvunyi rurasaba ko ifishi y’umurwayi yajya imenyesha icyakozwe ku murwayi, rushima aho bikorwa nko mu bitaro by’indwara zo mu mutwe i Ndera.

II. 2.1.2. IBITARO BYA KAMINUZA BYA KIGALI (CHUK)

Hashingiwe ku ngingo ya 2 y’Itegeko n°41/2000 ryo ku wa 7/12/2000 rishyiraho imikorere y’Ikigo cy’Ubuvuzi cya Kaminuza, inshingano z’ibitaro bya Kaminuza ni ukwita ku buzima bw’abantu mu Rwanda, kwigisha no gukora ubushakashatsi ku bijyanye n’ubuzima.

Ibyagezweho

Ibitaro bya Kaminuza bya Kigali bifite serivisi sosiyali ikora neza ifasha abarwayi batishoboye.

Mu bijyanye no kwigisha, ibitaro byakira abanyeshuri benshi ba kaminuza biga mu ishami ry’ubuvuzi, bigakora gahunda yo kubakurikirana mu imenyerezamwuga. Muri urwo rwego bitegura ibiganiro bihuza impuguke, abaganga n’ abiga icyiciro cya gatatu buri cyumweru aho bungurana ibitekerezo ku bikorwa by’ubuvuzi n’ubushakashatsi.

Urwego rw’Umuvunyi rwashimye ko ibyo bitaro byashyizeho uburyo bwo kwigenzura hashyirwaho serivisi ibishinzwe.

Ibitaragerwaho

Ibitaro bya Kaminuza bya Kigali bikoresha abaganga bamwe na bamwe bafite ahandi bakora bikagira ingaruka ku mikorere yabo. Ibyo bibazo byigaragaza mu buryo butatu:

- Kugera ku kazi bananiwe kubera kurara izamu ahandi bigatuma bavura abarwayi bake abandi bagataha batavuwe.
- Abaganga bakoresha ibikoresho by’ibitaro ku barwayi bavurirwa mu mavuriro yabo.
- Gusuzuma abarwayi bavuye mu mavuriro yabo mbere y’abarwayi bagannye ibitaro bya Kaminuza.

Urwego rusanga hakwiye kujyaho uburyo bwo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ibitaro byagiranye n'abaganga.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze ubushobozi bwo kwakira abarwayi bw'Ibitaro bya Kaminuza bya Kigali bwaragabanutse, nyuma y'aho ibitaro bifungiye Clinique bituma abarwayi bagana Ibitaro bya Kaminuza bya Kigali barenga ubushobozi bwayo nko kurara ku gitanda kimwe barenze umwe. Indi mpamvu ituma ubushobozi bwa CHUK buba buke ni uko bavura indwara zagombye kuvurirwa mu bigo nderabuzima no mu bitaro by'uturere. Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ibitaro bya Kaminuza bya Kigali kwihutisha gusana no kwagura ibitaro kugira ngo inyubako zihari zidakomeza kwangirika no kongera ubushobozi bw'ibitaro. Urwego rusanga kandi abarwayi bakwiye gushishikarizwa ko hari inzego z'ubuzima bagomba kubanza kwivurizamo aho guhera muri CHUK.

Urwego rw'Umuvunyi rwasuye ibitaro bya Kaminuza bya Kigali rusanga abarwayi bamwe na bamwe badafite inzitiramubu ku buryo byabatera kurwara malariya kuko harimo imibu myinshi. Urwego rwagiriye inama Ibitaro bya Kaminuza bya Kigali gushaka inzitiramibu zihagije kandi igashishikariza abarwayi bose kuziraramo.

II. 2.1.3. IBITARO BYITIRIWE UMWAMI FAISAL (KING FAISAL HOSPITAL)

Ibitaro Byitiriwe Umwami Faisal bifite inshingano zimwe n'iz'ibitaro bya Kaminuza bya Kigali uretse umwihariko wo kuba ibitaro bitegerejweho kuba intangarugero mu bikorwa by'ubuvuzi muri aka karere ku buryo byagabanya abarwayi boherezwa kwivuza mu mahanga.

Ibyagezweho

Ibitaro Byitiriwe Umwami Faisal bifite uburyo bwiza bworohereza abarwayi kwaka gahunda yo kwivuza kuri telefoni itishyurwa utiriwe ujya ku bitaro.

Mu kugira ngo bibe ibitaro ntangarugero mu buvuzi, Ibitaro Byitiriwe Umwami Faisal bifite abaganga b'inzobere benshi n'ibikoresho bigezweho bishobora gutuma hakoreshwa uburyo bwo gusuzuma no kuvura abarwayi abaganga ba KFH bafatanya n'abari kure (Télémédecine).

Ibitaragerwaho

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari ikibazo cy'imishahara mu Bitaro Byitiriwe Umwami Faisal kijyanye n'isumbanya ry'imishahara y'abaganga n'abakozi bo mu buyobozi bw'ibitaro kandi inshingano z'ibitaro zuzuzwa ahanini n'abaganga. Irindi sumbana rigaragara kandi mu mishahara y'abaganga aho umuganga généraliste ahembwa umushahara utageze ku cya kabiri cy'umushahara w'umuganga spécialiste.

Urwego rw'Umuvunyi rurasanga imishahara ikwiye guhuzwa n'imicungire myiza ijyanye n'inshingano z'ibitaro n'amikoro yabyo, kuko ari bimwe mu biranga imiyoborere myiza. Rwishimiye ko KFH yatangije inyigo yo kureba uko icyo kibazo cyakemuka.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze imikoranire ya KFH n'ubwishingizi bw'indwara ku bakozi ba Leta (RAMA) ari myiza muri rusange ariko ikaba igaragaramo ukutumvikana ku bikurikira :

- ku biciro by'imiti imwe n'imwe n'ibikorwa bimwe na bimwe by'ubuvuzi;

- ku ruhushya RAMA itanga mbere y'uko umurwayi asuzumishwa scanner.

Urwego rw'Umuvunyi rwishimiye ko ibyo bigo byombi byemeranyijwe ko umurwayi yishyura uruhare rwe, asigaye ku giciro KFH bitumvikanaho na RAMA akazumvikanwaho bamaze kwemera igiciro. Urwego rwishimiye kandi ko RAMA yemeye ko umurwayi yasuzumishijwe "scanner" byemejwe n'umuganga mu gihe byihutirwa. Urwego rw'Umuvunyi rwabagiriye inama ko hashakirwa ibisubizo ibindi bibazo batumvikanaho.

II.2.1.4. UBWISHINGIZI KU NDWARA BW'ABAKOZI BA LETA (RAMA)

Nk'uko bigaragara mu ngingo ya 5 y'Itegeko n° 24/2001 rishyiraho ubwishingizi ku ndwara bw'abakozi ba Leta (RAMA),
RAMA ifite inshingano zikurikira :

a) gukurikirana imicungire y'ubwishingizi bw'indwara ;

b) gukusanya imisanzu y'abanyamuryango ;
c) kuvuza abanyamuryango ; kimwe n'abishingiwe na bo ;
d) kwishyura ibikorwa by'ubuvuzi byakorewe abo yishingira ;
e) gushyira umukono ku masezerano yose ya ngombwa no gukora ibikenewe byose kugira ngo yuzuze inshingano zayo.

Ibyagezweho

RAMA imaze gutera intambwe mu kurangiza inshingano yahawe mu buryo bukurikira:

- koroshya ku buryo bugaragara imivurire y'abakozi ba Leta;
- kongera umubare w'amavuriro na za farumasi bikorana mu gihugu hose;
- kongera urutonde rw'imiti na serivisi zimwe na zimwe itari isanzwe itanga;
- kwegereza abaturage serivisi zimwe zakorerwaga ku cyicaro gikuru binyuze mu mashami.

Ibitaragerwaho

RAMA nta mabwiriza yanditse asobanura imikorere ahubwo mu mwanya wayo ikaba ikoresha amatangazo anyuranye.

Urwego rw'Umuvunyi rwayigiriye inama yo kuyakoranyiriza mu nyandiko imwe isobanura imikorere kandi ikayahuza n'igihe.

Urwego rurasaba NTB guteganya igihe ntarengwa isoko ryagombye kumara.
Urwego rwasanze imitangire y'amasoko ku mavuriro na farumasi byigenga bikorana na RAMA bidakurikiza zimwe na zimwe mu nzira z'imitangire y'amasoko ya Leta mu Rwanda. Urugero ni nko gushingira ku ngingo ngenderwaho zitamenyeshejwe abapiganwa, kudatangaza isoko ngo uhamagarire ababifitiye ubushobozi bose gupiganwa no kudateganya mbere amanota kuri buri ngingo mu zizagenga isuzuma ry'abapiganwa.

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba RAMA kureba uko ingingo ngenderwaho zanozwa kugira ngo imitangire y'amasoko ihuzwe n'ibyo amategeko ateganya.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze ingingo ya 22 y'Itegeko n° 24/2001 rishyiraho RAMA itubahirizwa kuko iteganya komisiyo ishinzwe gutegura amasezerano akorwa hagati ya RAMA n'umuganga, no hagati ya RAMA na farumasi nyuma ayo masezerano akemezwa n'Inama y'ubutegetsi ariko rwasanze iyo Komisiyo itari yashyirwaho.
Urwego rw'Umuvunyi rusanga kuba iyo Komisiyo itariho inshingano zayo zishyirwa mu bikorwa n'abatabiherwa ububasha n'itegeko ikaba yari ikwiye gushyirwaho mu buryo bwihutirwa.
Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari ikibazo hagati ya RAMA n'amavuriro yigenga yahagarikiwe amasezerano kubera ko yakiraga abarwayi bake kandi bikaba bitari biteganijwe mu masezerano bagiranye.

Urwego rw'Umuvunyi rukaba rusaba RAMA kujya yubahiriza amasezerano yagiranye n'abo ikorana nabo.
Kugeza ubu RAMA ntabwo irakora igenzura ry'amafarumasi n'amavuriro bakorana na yo kugira ngo irebe niba yubahiriza ibyo bemeranijweho.

Urwego rwayigiriye inama yo gushyiraho uburyo buhoraho nyuma y'igihe runaka bwo gukora amagenzura..

II.2.1.5. IKIGO CY'UBWISHINGIZI KU NDWARA CYA GISIRIKARE (MMI)

MMI yashyizweho n'Itegeko n^{0} 23/2005 ryo kuwa 12 Ukuboza 2005 rishyiraho ikigo cya gisirikare cy'ubwishingizi ku ndwara rikanagena imitunganyirize n'imikorere byayo.
Ishinzwe kuvuza abasirikare n'abafitanye isano nabo bemewe n'amategeko.

Ibyagezweho

- N’ubwo MMI ikiri mu ntangiriro, Urwego rw’Umuvunyi rwishimiye ko hari ibyo Ikigo cy’Ubwishingizi bw’Abasirikare kimaze kugeraho nko kugirana amasezerano na farumasi n’amavuriro byigenga kandi ikaba ikoresha ikoranabuhanga mu gucunga abanyamuryango.

- MMI yagiranye kandi amasezerano n’Isanduku y’Ubwiteganyirize bw’Abakozi (CSR) ku buryo kuvuza abanyamuryango bagize impanuka z’akazi ikazishyuza isanduku y’ubwiteganyirize bw’abakozi.

Ibitaragerwaho n’uburyo byagerwaho

Urwego rw’Umuvunyi rwasanze inzira umurwayi anyuramo yivuza mu bitaro byo mu Mujyi wa Kigali ari ndende cyane kandi iruhije kuko impapuro zikenewe zitangirwa ku cyicaro cya MMI. Urwego rw’Umuvunyi rwayisabye kureba uko iyo nzira yakoroshywa.

II. 2.1.6. BUFMAR

BUFMAR yashinzwe n’amadini ayiha inshingano yo kurangura imiti mu bigo by’ubuvuzi by’ayo madini. Ishinzwe kandi gukora imiti imwe n’imwe n’ibikoresho byo kwa muganga no guhugura abaganga n’abaforomo bakora muri ibyo bigo.

Ibyagezweho

Urwego rwishimiye ko BUFMAR yubatse inzu yayo ifite ububiko bw’imiti buhagije.

BUFMAR igeza ibikoresho bikenewe mu bigo by’ubuvuzi by’amadini yayishinze no guhugura abakozi n’abaforomo nk’uko biri mu nshingano zayo.

Ibitaragerwaho n’inama z’uko byakorwa

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze mu ikora ry'imiti BUFMAR itarakurikizaga amabwiriza y'ubuziranenge bituma rusaba Ikigo Gishinzwe Ubuziranenge (RBS) gukora igenzura no gufata ibyemezo bikwiye.
Urwego rwishimiye ko RBS yakoze igenzura maze imirimo yo gukora imiti iba ihagaritswe.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze BUFMAR yinubira ko hari abantu bamwe na bamwe binjiza mu gihugu imiti itari myiza (de mauvaise qualité) ikifuza ko Leta y'u Rwanda yakwihutisha ishyirwaho ry'ikigo gishinzwe ubuziranenge bw'imiti ahandi bita "National Drug Authority". Urwego rw'Umuvunyi na rwo rwashyigikiye icyo gitekerezo.

II.2.1.7 IKIGO GISHINZWE GUTUMIZA IMITI Y'IBANZE (CENTRALE D'ACHAT DES MEDICAMENTS ESSENTIELS AU RWANDA)

CAMERWA ni ishyirahamwe ridaharanira inyungu ryagiranye amasezerano na Guverinoma y'u Rwanda. Nk'uko biteganijwe muri ayo masezerano ishinzwe gushakira abaturarwanda imiti, ibikoreshwa (consommables) n'ibikoresho by'ibanze byo kwa muganga ku giciro gito.

Ingingo ya kabiri y'ayo masezerano iteganya ko bibaye ngombwa CAMERWA yafasha Minisiteri y'ubuzima gucunga impano n'ibindi bikoreshwa muri za porogaramu zihariye hakurikijwe amasezerano bumvikanyeho. Ni muri urwo rwego CAMERWA icunga ububiko bw'imiti irwanya ubukana bwa SIDA, ikaba ari nayo ishinzwe kuyitanga mu mavuriro ya Leta n'ayemewe na Leta.

Ibyagezweho

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze CAMERWA yihatira gutanga serivisi nziza kandi ifite n'ingamba zo kunonosora ibitanoze yifashishije abakiliya bayo mu buryo bukurikira:

- kubaha impapuro bakandikaho ibyo banenga cyangwa bashima CAMERWA;

- kwandika amoko y'imiti abaguzi basabye bakayibura, ikazayiteganya mu yo izarangura mu mwaka ukurikira ;

Ibitaragerwaho

- Mu nshingano zayo, CAMERWA ishinzwe kugeza ku banyarwanda imiti ku giciro gito; nyamara usanga hari imiti imwe n'imwe ifite igiciro cyo hejuru ugereranije n'icyo abandi baranguza. Urwego rusanga ikwiye kubahiriza inshingano zayo.
- Urwego rw'Umuvunyi rwanenze CAMERWA kuba irangura imiti mu gihugu ikayigurisha iyungukaho, rukaba ruyisaba korohereza abayishaka kuyirangurira.

II.2.1.8 ISHAMI RYA KOMISIYO ISHINZWE GUSEZERERA INGABO ZAVUYE KU RUGERERO RISHINZWE KUZIVUZA

Iri shami rishinzwe kuvuza abasezerewe mu ngabo bafite ubumuga buhoraho bwakomotse ku rugamba.

Ibyagezweho

Mu kuzuza inshingano zaryo iri shami ryagiranye amasezerano n'ibitaro by'uturere byose yo kuvura abasezerewe mu ngabo.

Ibitaragerwaho

Urwego rwasanze mu kugena uvuzwa na Komisiyo wasezerewe afite ubumuga, hatitabwa ku bushobozi bwe ku buryo hashobora kuvuzwa umuntu ufite umutungo kandi nyamara ingengo y'imari igenerwa iryo shami ari nto. Urwego rusanga byari bikwiye ko Komisiyo ivuza abatishoboye gusa kugira ngo icyo gikorwa gishobore kugera kuri benshi kandi bigashyirwa mu mabwiriza bagenderaho.

Urwego rwasanze mu mikorere y'ishami rishinzwe kuvuza abasezerewe mu ngabo nta buryo bwateganyijwe bwo kugenzura niba ibiteganirizwa abarwayi ariko bikorwa. Urwego rw'Umuvunyi rwasabye ko abakozi ba Komisiyo bakorera mu turere bakurikirana uko abarwayi bafatwa.

Urwego rwanenze ko mu guhitamo amafarumasi akorana na Komisiyo nta soko ryatanzwe mu buryo bwubahiriza amabwiriza y'imitangire y'amasoko ya Leta kuko nta piganwa ryabayeho.

Urwego rwanenze kandi ko ifishi uwasezerewe mu ngabo yitwaza agiye kwivuza idateganya aho uvuwe asinya kandi nta mukozi wa Komisiyo ukorera mu bitaro. Urwego rusanga iki ari icyuho gishobora gutuma amafaranga ya Leta anyerezwa Komisiyo kandi na yo yemeye ko izabikosora.

II.2.1.9. KOMISIYO ISHINZWE KOHEREZA ABARWAYI KWIVUZA HANZE (MRB)

Komisiyo ishinzwe kohereza abarwayi kwivuza hanze ikorera mu Bitaro Byitiriwe Umwami Faisal ishinzwe kohereza abarwayi hanze bafite indwara zidashobora kuvurirwa mu Rwanda no kubakurikirana.

a. Ibyagezweho

Urwego rwashimye ko abarwayi boherejwe hanze bakurikiranwa n'umuganga w'Ibitaro Byitiriwe Umwami Faisal wamusuzumye kuko ahabwa raporo buri cyumweru n'umuganga umuvura hanze.

Komisiyo ishinzwe kohereza abarwayi kwivuza hanze yakosoye imikorere mibi yagaragaraga yo kohereza umurwayi hashingiwe ku cyenewabo aho gushingira ku burwayi.

b. Ibitaragezweho

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari ubusumbane mu ibarwa ry'amafaranga ahabwa abarwayi boherejwe kwivuza mu bihugu bitari iby'Ibiyaga Bigari kuko uhamara igihe kiri munsi y'iminsi 30 ahabwa amadorali 120 ku munsi; uhamaze igihe kirenze ukwezi agahabwa imbumbe y'amadorari 1600 igihe yamarayo cyose. Urugero ni uko umaze iminsi 29 ahabwa amadorari 3480.
Urwego rwasabye Komisiyo kureba uko yakosora iyo mikorere.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze umurwayi udafite ubushobozi bwo kwishyura serivisi yakorewe adashobora gusabirwa kuvurirwa mu bitaro byo hanze y'u Rwanda.
Urwego rw'Umuvunyi rusanga Komisiyo yari ikwiye kureba uko yajya yorohererezа abarwayi badafite ubushobozi kugira uburenganzira bwo kuvurirwa hanze.

Igikorwa cyo gusura Komisiyo ishinzwe kohereza abarwayi kwivuza hanze nticyagenze nk'uko Urwego rw'Umuvunyi rwabyifuzaga kubera ko Komisiyo yo Kohereza Abarwayi Kwivuza hanze yagize impungenge zo kwerekana amadosiye y'abarwayi ngo kuko byaba bibangamiye ibanga ry'ubuganga.

II.2.1.10. IGIKORWA CYO GUKURIKIRA UBWANDU BW'AGAKOKO KA SIDA

Gukurikirana ubwandu bw'agakoko gatera SIDA bikorwa na CNLS na TRAC.

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya 4 y'Iteka rya Perezida n° 02/01 ryo kuwa 16 werurwe 2001 rishyiraho kandi rikagena imikorere ya Komisiyo y'igihugu ishinzwe kurwanya SIDA, inshingano zayo ni izi zikurikira:

- Gufasha Leta y'u Rwanda kunoza, gushyira mu bikorwa no guhuza ibikorwa bya politiki y'igihugu yo kurwanya SIDA;
- Kuba urwego ruhurizwamo ibitekerezo ku ngamba z'Igihugu n'igenabikorwa by'inzego zinyuranye ziharanira kurwanya SIDA no kuzihuza;

- Gukangurira abantu bose kwitabira ibikorwa birwanya SIDA mu mirimo yabo ya buri munsi hakurikijwe ingamba zihutirwa zafashwe mu rwego rwa politiki y'Igihugu;
- Gushakisha amikoro, haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, yatuma hashingwa Ikigega cy'Igihugu cyo kurwanya SIDA;
- Gukomeza gukangurira abayobozi bakuru b'igihugu gushyigikira iyo politiki.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze itegeko rishyiraho TRAC riri mu Nteko Ishinga Amategeko.

Ibyagezweho

CNLS yageze kuri ibi bikurikira:

- Yashyizeho uburyo bunoze kandi bugezweho bukoresha ikoranabuhanga mu itumanaho.
- Yakoze igikorwa cy'ingirakamaro cyo gushyiraho urubuga rukusanyirizwamo ibitekerezo n'izindi nkunga zose zo kurwanya SIDA n'ikwirakwiza ryayo, izibumbira hamwe mu cyo yise "Umbrella".

- Yakanguriye ababana n'ubwandu bwa SIDA kwibumbira mu mashyirahamwe abafasha kwiteza imbere no kuva mu bwigunge. Yakanguriye n'abanyarwanda bose kumenya ko hari icyago cya SIDA kibugarije ku buryo hari n'abafashe icyemezo cyo kuba abakoranabushake mu kurwanya SIDA.

- Yakanguriye abaterankunga n'imiryango itegamiye kuri Leta kwitabira ibikorwa byo kwita ku babana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA mu kwiga imishinga, kuyitera inkunga no kwita ku buzima bwabo.
- Mu gikorwa cyo gukumira no kurwanya icyorezo cya SIDA, hashyizweho za club anti SIDA mu mashuri zigamije gukangurira abanyeshuri kuyirinda; ibigo nderabuzima byinshi n'ibitaro byose bya Leta byahawe ubushobozi bwo gusuzuma ku bushake no kugira inama ababana n'ubwandu bwa SIDA.

- CNLS ifatanyije na TRAC bahugura ingeri zose z'abaturage bakanabapimira ubuntu. Abo basanze baranduye babaha imiti igabanya ubukana bwa SIDA ku buntu.

Ibitaragerwaho

- Abakozi bakorera ku cyicaro gikuru badakurikirana cyane inzego zegereye abaturage ngo birebere uko gahunda yo kurwanya SIDA yubahirizwa.

- Imishinga imwe n'imwe y'amashyirahamwe arwanya SIDA itigwa, cyangwa yigwa nabi, bikaba byatuma itabonerwa abayitera inkunga cyangwa yanababona ntigire icyo igeza kuri bene yo, kuko nta reme ifite.

  Urwego rwagiriye inama CNLS yo kwihutisha gushyiraho komite tekiniki zishinzwe kwiga imishinga zitari zajyaho no gushyira ingufu mu gukurikirana.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze nta mabwiriza agenga uko amashyirahamwe arwanya SIDA ashyirwaho n'uko akora. Ibyo bituma ashingwa mu kajagari hakabaho n'inyerezwa ry'umutungo kuri bamwe mu bayarimo.

Urwego rwasabye CNLS gushyiraho amabwiriza ngengamikorere y'amashyirahamwe arwanya SIDA.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze mu bitaro bimwe na bimwe hari ingorane mu gukora ibyuma bipima abasirikare mu mubiri w'ababana n'ubwandu bwa SIDA iyo byagize ikibazo, bitewe n'uko ababikora ubu bagomba guturuka mu gihugu cya Kenya. Urwego rw'Umuvunyi rwasabye CNLS na TRAC kureba uko bahugura abanyarwanda bakora ibyo byuma bikaba byakoroha bikagabanya n'amafaranga atangwa kuri abo bantu baza kubikora.

II.2.2. INZEGO Z'UBUREZI

Minisiteri y'Uburezi ihuza ikanakurikirana ibikorwa by'inzego zinyuranye arizo zikurikira amashuri y'ingeri zitandukanye, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubugenzuzi (IGE), Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho (CNDP), Inama y'Igihugu Ishinzwe Ibizamini (CNE), Itsinda ritegura ishyirwaho rya Komisiyo Ishinzwe Guteza Imbere Abarimu (Teacher's Task force Commission).

Itegeko ngenga n°20/2003 ryo ku wa 03/08/2003 rigena imiterere y'Uburezi; riha inzego z'uburezi inshingano zikurikira :

- kurera umwenegihugu ku buryo atarangwaho ivangura iryo ari ryo ryose n'itonesha ;
- guteza imbere umuco w'amahoro, ubworoherane, ubutabera, kubahiriza uburenganzira bwa muntu, ubufatanye n'uwa demokarasi ;
- guha buri munyarwanda uburere bwuzuye bushingiye ku muco mbonezabupfura, ku bumenyi, ku gufata neza umubiri, ku mibereho myiza y'abaturage no ku mirimo bigamije guteza imbere ubushobozi n'imyifatire myiza ya buri wese, kubaka igihugu kugira ngo kigere ku majyambere arambye, arengera kandi yifashisha ibidukikije ;
- guteza imbere ubuhanga, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi; gutoza umunyarwanda gukunda umurimo, kuwukora neza, kugira umurava no gushyira imbere ubushobozi ;
- gutegurira igihugu abakozi ba ngombwa kandi bahagije muri buri rwego rw'imirimo bijyanye n'intera y'amajyambere ;
- gutoza umunyarwanda kugira ubwigenge bwo kwitekerereza, guhanga, kwakira no gusesengura ibitekerezo by'abandi no kugaragaza ibye bwite, gukunda igihugu no kumushishikariza kumenya ibibera ahandi ;
- guharanira gukuraho impamvu n'inzitizi zose zibangamira uburere bw'igitsina gore n'ubw'abandi bagaragaraho ko bakeneye kwitabwaho by'umwihariko.

Ibyagezweho

- Hashyizweho politiki rusange y'uburezi n'amategeko atuma ishyirwa mu bikorwa, amategeko atari ahuye n'igihe yaravuguruwe n'andi ari mu nzira zo kuvugururwa;

- Ubugenzuzi Bukuru bw'uburezi bwateguye umushinga w'ingingo ngenderwaho (standards) kugira ngo ikigo cy'ishuri cyangwa ishami byemererwe gutangira;
- Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho (CNDP) cyavuguruye integanyanyigisho z'amashuri abanza zikaba zaratangiye gukurikizwa;

- Inama y'Igihugu Ishinzwe Ibizamini itanga ibizamini mu mucyo kandi hakemererwa abana batsinze koko;

- Urwego rwishimiye ko ababyeyi bagenda bamenya ko ibibazo by'uburezi bibareba bagatanga umusanzu mu gukemura ibibazo bimwe na bimwe;

- Minisiteri y'Uburezi yashyizeho gahunda y'ikoranabuhanga mu burezi ku buryo amashuri menshi harimo n'abanza ubu afite za mudasobwa n'ubwo zitaragera ku mubare uhagije.

Ibitaragerwaho

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze integanyanyigisho zo mu mashuri yisumbuye zitaravugururwa, n'izo mu mashuri abanza zavuguruwe zitarabanje kugeragezwa kugira ngo ikigo cy'integanyanyigisho kimenye niba ziboneye mbere y'uko zitangira gukoreshwa.

Rwasanze kandi inyinshi mu nteganyanyigisho ziriho zidafite ibitabo bijyanye na zo n'ibindi bikoresho nk'ibya laboratoire na atelier ku mashuri ya tekiniki n'imyuga.

Kuba integanyanyigisho zitarageragejwe byatumye zigaragaramo inenge; zimwe ni izi zikurikira:

- Kuba abarezi bavuga ko ari ndende bigatuma zitarangira;
- Kuba abarezi bavuga ko zimwe na zimwe zirenze ubushobozi bujyanye n'ikigero cy'abanyeshuri;
- Kuba abarezi bavuga ko hari izicurikiranya amasomo ukurikije uko yakagombye kuba akurikirana muri gahunda zayo. Urugero ni aho usanga integanyanyigisho iteganya

kubanza imibare y'imigabane itandukanyije icyita aho kubanza ihuje icyita. Urundi rugero ni aho muri ICT biga programmation batariga calcul binaire na probabilité;

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari ibyiciro bimwe by'amashuri bitagira integanyanyigisho. Ibyo ni amashuri y'incuke, ay'imyuga (CFJ) n'amasomero y'abantu bakuru.

Ku bijyanye n'ibitabo, hagaragaramo ingorane zikurikira:

- Kuba bimwe mu bitabo byanditse mu rurimi rutandukanye n'urwo isomo ryigishwamo, bigatera ikibazo cyo gusemura;
- Kubera kubura ibitabo, abarimu bishakishiriza aho bakura inyigisho. Muri uko kwishakishiriza hari abarimu bigisha ibirenze ubushobozi bw'abanyeshuri. Urugero ni umwarimu wigisha abanyeshuri notes zo muri kaminuza.

Urwego rwasanze uwatsindiye isoko ryo kwandika ibitabo muri CNDP agumana uburenganzira kuri byo (droit d'auteur), bikaba icyuho cy'inyereza ry'ibitabo kuko iyo amaze guha Ikigo Gishinzwe Integanyanyisho ibyacyo yikoreshereza ibindi akabishyira ku isoko.

Urwego rw'Umuvunyi rwasabye icyo Kigo ko mu masezerano kigirana n'abandika ibitabo uburenganzira kuri byo (droit d'auteur) bwaba ubw'Ikigo.

Urwego rurasanga kandi hakwiye kugenzurwa uko ibitabo bitangwa na CNDP bigezwa ku bigo by'amashuri kuko bishobora kunyerezwa mu nzira bitari byahagera.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari n'amashuri usangamo ibikoresho bitajyanye na sections zihari. Urugero ni muri Collège de Giheke mu Karere ka Rusizi, ifite microscopes zigera ku icumi, kandi nta shami ryigisha kuvura rihari kuko ubu hari électricité. Ishuri rya ETAG-Gisenyi ryigisha tekiniki ariko rikaba rifite ibitabo by'icyiciro rusange.

Urwego rusanga hakwiye kubaho ibarura ry'ibikoresho biri mu mashuri bidakoreshwa bigahabwa ibigo bibikeneye.

Imfashanyigisho zikoreshwa ari nke cyane mu mashuri, zituruka muri CNDP ay'u Rwanda, ay'Afurika cyangwa ay'isi; hari n'izo mwarimu yikorera yifashishije abanyeshuri cyane cyane nk'ibishushanyo. Urwego rwasanze bidahagije.

Urwego rurasanga ubugenzuzi bwari bukwiye gukangurira abarimu gukora imfashanyigisho ariko na CNDP ikihatira gushyira mu bikorwa inshingano yayo yo guha amashuri imfashanyigisho zihagije.
Urwego rwasanze ahenshi nta masomero (bibliothèque) ari ku bigo by'amashuri yisumbuye. Hari n'aho usanga ibitabo bifashwe nabi kandi bitanakoreshwa.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze mu mashuri abanza n'ayisumbuye hari ingorane mu myigishirize ziturutse ku bumenyi budahagije mu ndimi zigishwamo ari zo igifaransa n'icyongereza byaba ku banyeshuri ndetse na bamwe mu barimu. Kuri iki kibazo, Urwego rw'Umuvunyi rusanga bikwiye ko abarimu bahugurwa mu ndimi byihutirwa.
Ni ngombwa kandi ko hafatwa ingamba zihutirwa, ku buryo indimi z'icyongereza n'igifaransa (bilinguisme) zikoreshwa kimwe mu mashuri yisumbuye cyane cyane ay'uwa 4,5 n'uwa 6, hakavaho amashuri yigisha mu cyongereza gusa cyangwa mu gifaransa gusa.

Urwego rwasanze mu imenyerezamwuga hari ibibazo bikurikira:

- kuba hari amashami adashobora gutanga amasomo y'imenyerezamwuga kubera kubura aho barikorera. Urugero ni ishami rya Travaux Publics ritabona aho abanyeshuri bakorera amasomo y'imenyerezamwuga.

  Mu gukemura icyo kibazo Urwego rusanga aho bishoboka abanyeshuri bajya bajyanwa ahakorerwa imirimo ijyanye n'ibyo bagezeho biga.

- kuba ibigo by'amashuri bidakurikirana abanyeshuri bakora imenyerezamwuga kugira ngo bimenye niba bikorwa cyangwa hari icyo ryabamariye.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze amashuri y'incuke hafi ya yose yigishwamo n'abarimu batabifitiye ubushobozi ukurikije ibiteganywa na Minisiteri y'uburezi.

Mu mashuri yisumbuye, umubare munini w'abarimu ntibize kwigisha abandi ntibafite impamyabumenyi zisabwa nko mu mashuri yisumbuye y'imirenge aho abenshi ari A2 bikaba bituma batuzuza inshingano zabo.
Urwego rw'Umuvunyi rusanga abarimu batabyigiye bakwiye guhugurwa mu bumenyi bwo kwigisha (méthodologie) kandi hakajya hashakishwa abarimu bafite ubumenyi busabwa.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze abarimu binubira umwuga wabo bavuga ko udahabwa agaciro kubera ko badahembwa kimwe n'abandi bakozi ba Leta, abandi bakavuga ko batahisemo kwigira uwo mwuga.

Urwego rwasanze mu mashuri menshi nta radiyo na televisiyo bihari n'aho biri ntibishyirwe aho abanyeshuri babikoresha bigatuma abanyeshuri babura ubumenyi rusange.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari ibindi bibazo bigira ingaruka mbi ku burezi mu Rwanda ari byo bikurikira:

- ubwinshi bw'abana mu ishuri rimwe;
- ubukene bw'ababyeyi butuma batabonera abanyeshuri ibikoresho by'ishuri n'ibibatunga, bigatuma abanyeshuri basiba bagiye gushakisha imibereho;
- imibereho mibi mu macumbi ku biga bacumbikirwa cyangwa abicumbikiye mu tuzu bakodesha mu baturage, ugasanga batubyiganiramo ari benshi, nta n'aho kwisukurira hahagije hahari;
- ingendo ndende ku bana biga bataha bo mu mashuri yisumbuye y'imirenge, amashuri yigisha urubyiruko imyuga (CFJ) no mu mashuri afasha abari barayacikije (rattrapage);
- kuba amafaranga agenerwa gutunga abanyeshuri agera ku mashuri atinze kandi ari make ku yari ateganijwe, bikagira ingaruka ku buzima bw'abanyeshuri;

- ubugenzuzi mu mashuri budakorwa nk'uko bikwiye haba ku rwego rw'umurenge n'akarere kubera inshingano nyinshi kandi n'ubugenzuzi bukuru bukaba budafite abakozi bahagije bwo kugera mu mashuri yose;
- kuba mu mashuri amwe hagaragara isuku nke bigira ingaruka ku buzima bw'abanyeshuri.

Urwego rurasanga hakwiye gukorwa ibikurikira kugira ngo uburezi butezwe imbere :

- abana bakwiye gukorerwa integanyanyigisho zitabaremereye;
- umubare w'abana ku mwarimu ukwiye kugabanuka kugira ngo abashe kubakurikirana neza;
- kwihutisha gahunda yo guteza imbere imibereho ya mwarimu kugira ngo abashe gukunda umurimo we no gutanga serivisi nziza ;
- Leta ikwiye kongera umubare w'ibigo n'ibyumba by'amashuri;
- Leta ikwiye kongera umubare w'ibikoresho n'imfashanyigisho, kandi igashyira ingufu mu guha abarimu amahugurwa;
- kwigisha indimi bikwiye kwitabwaho cyane;
- koherererereza ku gihe amafaranga agenewe gutunga abanyeshuri;
- inzego z'ubugenzuzi n'uturere bakwiye kwita ku isuku mu mashuri.;

III. KWAKIRA IBIBAZO BY'AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NAYO MU NZEGO Z'UBUTEGETSI BWA LETA N'IZIGENGA

Mu nshingano Urwego rw'Umuvunyi rwahawe, umwanya munini wahariwe gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Ibikorwa bijyanye n'iyi nshingano bikubiye mu ngingo nkuru ebyiri ari zo kwakira no gukurikirana ibibazo bya ruswa no kwakira no gukurikirana ibibazo by'akarengane.

III.1. KWAKIRA NO GUKURIKIRANA IBIBAZO BYA RUSWA

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibibazo bya ruswa byakurikiranwe mu mwaka wa 2006.

Ubwoko bw'ibyaha bya ruswa	**Imibare**	**Izashyikiri jwe Polisi**	**Izashyiki rijwe izindi nzego**	**Izara ngiye**	**Izigikurikiranwa**
Inyereza ry'umutungo	5	1	-	4	-
Inyereza ry'umusoro	7	-	-	3	4
Imikorere mibi y'ubuyobozi	14	-	4	9	1
Ibibazo mu itangwa ry'amasoko ya Leta	3	-	1	-	2
Ibibazo bya ruswa mu butabera	5	1	1	-	3
Ibindi	2	-	-	1	1
Igiteranyo	**36**	**2**	**6**	**17**	**11**


40
35
30
25
20
15
10
5
0
Imibare y'ibyaha bya Ruswa
Ubwoko bw'Ibyaha bya Ruswa
Inyereza ry'Umutungo
Inyereza ry'Umusoro
Imikorere mibi y'Ubuyobozi
Ibibazo mw'Itangwa ry'amasoko
Ibabazo bya Ruswa mu butabera
Ibindi
Igiteranyo


9
8
7
6
5
4
3
2
1
0
Izashyikirijwe izindi nzego
Izashyikirijwe Polisi
Ubwoko bw'Ibyaha bya Ruswa
Inyereza ry'Umutungo
Inyereza ry'Umusoro
Imikorere mibi y'Ubuyobozi
Ibibazo mw'Itangwa ry'amasoko
Ibabazo bya Ruswa mu butabera
Ibindi
Igiteranyo



Impugukirwa:

- amadosiye y'inyereza yakurikiranywe yerekeye ibikorwa by'abayobozi n'abakozi b'inzego za Leta bagaragawe ho kugira uruhare mu kunyereza umutungo w'ibigo bari bashinzwe gucunga;
- ku bijyanye n'inyereza ry'imisoro hakurikiranywe amadosiye y'abasoreshwa bagize uruhare mu kunyereza imisoro.;
- ibibazo by'imikorere mibi y'ubuyobozi byakurikiranywe ni ibyerekeye kudasubiza abagana inzego ibibazo baba babajijwe byaba kubemerera cyangwa kubahakanira ibyo baba basabye;
- amadosiye yerekeranye n'ibibazo mu masoko ya Leta yakurikiranywe ajyanye no kudahabwa isoko kandi yujuje ibyangombwa cyangwa kuryamburwa nta mpamvu zigaragara zashingiweho;

- ibibazo bya ruswa mu butabera byakurikiranywe ni ibyerekeye abacamanza bavugwa n'abaturage ko baciye imanza nabi bitewe na ruswa bahawe.

III.2. KWAKIRA NO GUKURIKIRANA IBIBAZO BY'AKARENGANE

Imbonerahamwe zigaragaza ibibazo by'akarengane zateguwe hakurikijwe Intara, ibyiciro by'ibibazo n'aho bigeze bikurikiranwa.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibibazo hakurikijwe intara ababitanze babarizwamo:

Intara	**Umubare w'ibibazo**	**Ijanisha**
Intara y'Iburasirazuba	148	15.40
Intara y'Amajyaruguru	145	15.08
Intara y'Iburengerazuba	172	17.89
Intara y'Amajyepfo	205	21.33
Umujyi wa Kigali	291	30.28
Byose hamwe	**961**	**100**



<u>Impugukirwa :</u>

- umubare w'ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye muri uyu mwaka wa 2006 ni muto ugereranyije n'imyaka ishize. Impamvu ni uko habaye kuvugurura inzego z'ubuyobozi bw'ibanze mu gihugu hose ku buryo abayobozi bashya bagiye mu myanya bitabira gukemura ibibazo by'abaturage. Indi mpamvu ni ubufatanye n'inzego z'ibanze zavuguruwe;
- Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi rukemura ibibazo rwagejejweho mu nama rwakoresheje mu mirenge igize uturere tunyuranye rugamije gukangurira abaturage kwirinda akarengane, ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo (Uturere twasuwe tugaragara mu gice cy'iyi raporo cyerekeye gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo). Raporo yihariye y'ibyo bibazo byakiriwe mu mirenge iboneka ku Rwego rw'Umuvunyi.

IBIBAZO BYAKIRIWE HAKURIKIJWE IBYICIRO

N°	**Ibyiciro**	**Umubare w'ibibazo**	**Ijanisha**
1	Ibibazo byerekeye ubuyobozi n'umurimo	320	33.29
2	Ibibazo by'imiturire n'ubutaka	153	15.92
3	Imanza zaciwe n'inkiko	187	19.45
4	Ibibazo biri mu nkiko	81	8.42
5	Ibibazo by'imicungire y'umutungo n'izungura	70	7.28
6	Ibibazo by'imibereho	16	1.66
7	Ibibazo bijyanye n'ubucuruzi	8	0.83
8	Ibibazo bireba isanduku y'ubwitenganyirize bw'abakozi	22	2.28
9	Ibibazo bireba ibigo by'ubwishingizi	16	1.66
10	Ibindi bibazo	88	9.15
	Byose hamwe	**961**	**100**



Impugukirwa :

- iyi mbonerahamwe iragaragaza ko umubare w'ibibazo byerekeye ubuyobozi n'umurimo ari wo munini ugereranyije n'ibindi byiciro ; ibyo biterwa n'abakoresha bamwe na bamwe batitabira guha abakozi babo ibyo amategeko abemerera iyo birukanwe ku kazi cyangwa abirukanwa hatubahirijwe amategeko.Hari igihe abakozi na bo birukanwa ku kazi ku mpamvu zigaragara ariko bakiyambaza Urwego rw'Umuvunyi bumva ko barengana;
- umubare w'ibibazo byerekeye imiturire n'ubutaka byaragabanutse cyane cyane ibijyanye n'iyimurwa (expropriation) mu Mujyi wa Kigali. Ibyo bikaba byaratewe ahanini n'Itegeko ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda n'amabwiriza yo ku wa 27/10/2005 y'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ubutaka n'Ibidukikije agena uburyo bw'ubwumvikane mu gihe cyo kwimura abantu kubera imirimo ifitiye Igihugu akamaro. Muri iki cyiciro hagaragaramo n'ibibazo by'abantu basaba gusubizwa amasambu yasizwe n'imiryango yabo yahunze kera kandi ayo masambu yaratujwemo abantu benshi. Muri bo hari abajya mu nkiko bakayatsindira ariko kurangiza izo manza bikagorana kubera kubura aho batuza iyo miryango, kandi hari na politiki ya Leta y'isaranganya isanzwe ikurikizwa.
- hari kandi umubare munini w'imanza zaciwe n'Inkiko n'uw'imyanzuro ya komite z'abunzi bitashyizwe mu bikorwa, bikaba byaratewe ahanini n'iteka rya Minisitiri ufite

ubutabera mu nshingano ze rigena abahesha b'inkiko mu nzego z'ibanze ryatinze gushyirwaho nyuma y'ivugurura ry'Itegeko n° 09/2006 ryo ku wa 02/03/2006 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

- Urwego rw'Umuvunyi rukorera ubuvugizi mu nzego bireba abarugezaho ibibazo biri mu nkiko, ibirebana n'ubucuruzi, ubwiteganyirize n'ubwishingizi. Hari n'abandi bagirwa inama zo mu rwego rw'amategeko z'uburyo bakurikirana ibibazo byabo mu zindi nzego.
- Urwego rw'Umuvunyi ruhuza abafitanye ibibazo birebana n'imicungire y'umutungo n'izungura hagashakishwa umwanzuro impande zombi zumvikanyeho, binaniranye bakagirwa inama yo gushyikiriza ikibazo inkiko zibifitiye ububasha.

Umubare w'ibibazo hakurikijwe urwego bigezeho bikurikiranwa

Urwego bigezeho	**Umubare w'ibibazo**	**Ijanisha**
Ibyarangijwe	459	47.76
Ibyashyikirijwe izindi nzego	203	21.12
Ibyamenyeshejwe urwego	11	1.14
Ibigikurikiranwa	288	29.96
Byose hamwe	**961**	**100**



Imibare iboneka muri izi mbonerahamwe ni iy'ibibazo byakiriwe kuva ku wa 01 Mutarama 2006 kugeza ku wa 15 Ukuboza 2006.

Impugukirwa:

- muri iki cyiciro cy'ibibazo byarangijwe harimo ibyakurikiranywe n'Urwego bigakemuka, hakabamo n'ibijyanye n'imanza zaciwe burundu zigomba kurangizwa ariko abatsinzwe ntibishimire imikirize yazo bakiyambaza Urwego ngo rubarenganure, na rwo rukabagira inama;
- ibibazo byashyikirijwe izindi nzego ni ibyo Urwego rw'Umuvunyi rusanga bitari mu nshingano zarwo rukabishyikiriza ababishinzwe kugira ngo babikemure, hakaba n'ibindi biba bitarabanje kugezwa ku buyobozi bubishinzwe mbere yo gushyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi. Hari n'ibibazo Urwego rushyikirizwa bikiri mu nkiko Urwego rukagira ba nyirabyo inama kuko rutivanga mu miburanishirize y'imanza;
- ibibazo bimenyeshwa Urwego rw'Umuvunyi bikurikiranwa n'inzego bireba imyanzuro yabyo ikazarumenyeshwa;
- umubare munini w'Ibibazo bigikurikiranwa uturuka ahanini ku miterere y'ibibazo biba bisaba ipereereza rirambuye no ku buke bw'abakozi bakurikirana ibibazo.

Gukurikirana ibibazo (suivi) Urwego rwashyikirije inzego z'ibanze n'Uturere

Iki gikorwa cyibanze ku bibazo Urwego rwashyikirijwe n'abantu bo mu Ntara zahoze ari Kigali Ngali, Gisenyi, Ruhengeri na Butare. Izo ntara zatoranyijwe kubera ko zasuwe mu mwaka wa 2005 ariko ibibazo Urwego rwasabye abayobozi b'inzego z'ibanze gukemura bikaba bitarakorewe raporo ngo hamenyekane ibyarangiye n'ibigikurikiranwa.

Ibibazo byakurikiranwe ku buryo bukurikira

Akarere	**Umubare w'ibibazo byakurikiranwe**	**Ibibazo byarangiye**	**Ibigikurikiranwa**
Bugesera	11	5	6
Rubavu	39	30	9
Ngororero	30	8	22
Rutsiro	19	10	9
Musanze	19	8	11
Burera	10	5	5
Gakenke	14	12	2
Nyabihu	23	17	6
Huye	20	12	8
Gisagara	23	13	10
Nyanza	30	18	12
Total	238	138	100

Muri rusange ibi bibazo byakiriwe mu myaka itatu ishize Urwego rumaze rukora. Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari ibibazo byarangiye, ibigikurikiranwa n'ibitazwi kubera ivugururwa ry'inzego z'ubuyobozi. Ahanini kugira ngo ibi bibazo birangire n'abaturage baba babigizemo uruhare kuko Urwego rw'Umuvunyi ruba rwabakanguriye kwikemurira ibibazo bagasaba abayobozi gushyira mu bikorwa imyanzuro baba bafashe. Ibi babifashijwemo n'abayobozi bashya nabo bafite ubushake bwo gukorera abo bashinzwe kuyobora.

IV. KWAKIRA NO GUSUZUMA INYANDIKO Z'IMENYEKANISHAMUTUNGO

Igikorwa cyo kwakira no gusuzuma inyandiko zigaragaza umutungo w'abayobozi n'abandi bakozi bateganywa n'itegeko ni imwe mu ngamba ihamye yo kurwanya ruswa Leta yiyemeje igamije :

- gutoza abanyarwanda umuco wo gutunga ibyo bashatse mu nzira zemewe n'amategeko ;

- gufasha abayobozi hamwe n’abacungamutungo wa Leta gutandukanya umutungo wabo bwite n’uwa Leta ;
- gukurikirana uwanyereje umutungo wa Leta iyo yamenyekanye cyangwa gukurikirana uwabeshye mu kumurikira Urwego rw’Umuvunyi umutungo ;
- kwibutsa abayobozi, abacungamutungo n’abandi bose bafite aho bahurira n’imari ya Leta ko hari urwego rushinzwe gukumira no ku rwanya uwaba afite igitekerezo cyo kurigisa cyangwa gukoresha nabi umutungo wa Leta.

Mu mwaka wa 2006, Urwego rw’Umuvunyi rwujuje inshingano irebana n’imenyekanishamutungo mu buryo bukurikira:

- gutanga no kwakira inyandiko zigaragaza umutungo ;
- gukora urutonde rw’abantu batitabiriye igikorwa cy’igaragazamutungo mu myaka itatu ishize (2004,2005 na 2006).
- gusuzuma inyandiko zigaragaza umutungo ;

IV.1. GUTANGA NO KWAKIRA INYANDIKO ZIGARAGAZA UMUTUNGO

Uyu ni umwaka wa gatatu imenyekanishamutungo rikorwa kandi iki gikorwa kitabiriwe kurusha imyaka ibiri ishize.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w’abantu bateganywa n’itegeko bahawe inyandiko z’imenyekanishamutungo, abazigaruye n’abatarazigarura.

A. ABAYOBOZI BAKURU, ABASENATERI, ABADEPITE, ABAMINISITIRI

N°	Aho bakorera	Abazihawe	Abazigaruye	Abatarazigaruye
1.	Abayobozi bakuru (Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Minisitiri w'Intebe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga	5	5	-
2.	Abasenateri	25	25	-
3.	Abadepite	77	76	1
4.	Abaminisitiri	30	30	-
	IGITERANYO	**137**	**136**	**1**

B. ABAYOBOZI N'ABACUNGAMUTUNGO

1. MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO

N°	Aho bakorera	Abazihawe	Abazigaruye	Abatarazigaruye
1.	Service za Sena	12	8	4
2.	Service z'Umutwe w'Abadepite	12	12	-
	IGITERANYO	**24**	**20**	**4**

2. MU BUCAMANZA NO MU BUSHINJACYAHA.

N°	Aho bakorera	Abazihawe	Abazigaruye	Abatarazigaruye
1.	Ubucamanza	269	254	15
2.	Ubushinjacyaha	209	166	43
	IGITERANYO	**478**	**420**	**58**

3. MURI PEREZIDANSI NA MINISITERI

N°	Aho bakorera	Abazihawe	Abazigaruye	Abatarazigaruye
1.	Perezidansi	31	19	12
2.	Serivisi za Minisitiri w'Intebe	22	21	1
3.	Minisiteri y'Ingabo	242	228	14
4.	Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo	14	7	7
5.	Minisiteri yUbuzima	32	28	4
6.	Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi	45	44	1
7.	Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage	12	11	1
8.	Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo	9	9	-
9.	Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda, Guteza Imbere Ishoramari, Ubukerarugendo	7	6	1

	n'Amakoperative			
10.	Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane na za Ambasade	52	44	8
11.	Minisiteri y'Ibikorwa Remezo	15	14	1
12.	Minisiteri y'Uburezi	11	9	2
13.	Minisiteri y'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine	17	16	1
14.	Minisiteri Ishinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire	9	9	-
15.	Minisiteri y'Ubutabera	12	11	1
16.	Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu	181	155	26
17.	Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi	11	8	3
	IGITERANYO	**722**	**639**	**83**

4. Mu Bigo bya Leta n'ibyo Leta ifitemo imigabane

N°	Aho bakorera	Abazihawe	Abazigaruye	Abatarazigaruye
1.	U.N.R	11	7	4
2.	KIST	18	14	4
3.	K.H.I	8	8	-
4.	K.I.E	8	8	-
5.	S.F.B Mburabuturo	12	12	-
6	I .S.A.E Busogo	5	4	1
7.	C.N.E.R	6	6	-
8.	F.P.P	3	3	0
9.	TIG	5	5	-
10.	O.R.T.P.N	13	13	-
11.	C.N.J	5	4	1
12.	IMPRISCO	16	15	1
13.	OCIR – THE	28	25	3
14.	OCIR – CAFE	14	12	2
15.	CAPMER	6	6	-
16.	PRIVATISATION	5	5	-
17.	NORMALISATION	9	7	2
18.	MAGERWA	15	15	-
19.	ONATRACOM	13	11	2
20.	ORINFOR	12	9	3
21.	CHU/CHK	10	10	-
22.	CHU/BU	7	5	2
23.	CARAES NDERA	2	2	-
24.	LABOPHAR	5	5	-
25.	C.R.R	15	8	7

26.	RAMA	32	32	-
27.	C.N.L.S	35	33	2
28.	C.N.I.E.F. GENOCIDE DE 1994	7	5	2
29.	KOMISIYO Y'AMATORA	11	10	1
30.	C.N. DE CONTROLE DES ASSURANCES	3	3	-
31.	C.N.D.P	10	9	1
32.	R.D.R.C	45	19	26
33.	N.U.R.C	11	9	2
34.	RURA	9	9	-
35.	S.N. JURIDICTION GACACA	8	8	-
36.	ELECTROGAZ	62	56	6
37.	Office de l'Aviation Civile	12	10	2
38.	CEPEX	5	5	-
39.	C.N.F.D.J	4	0	4
40.	C.S.R	31	29	2
41.	N.T.B	24	23	1
42.	UBUGENZUZI BUKURU BW'IMARI YA LETA	79	73	6
43.	R.R.A	631	606	25
44.	SONARWA	8	8	-
45.	FARG	18	18	-
46.	RIEPA	10	7	3
47.	O.N.P	32	31	1
48.	N.S.S	27	26	1
49.	RIAM	2	1	1
50.	RADA	8	3	5
51.	RARDA	10	8	2

52.	R.S.S.P	33	30	3
53.	ISAR	61	46	15
54.	I.R.S.T	10	8	2
55.	CIMERWA	3	1	2
56.	FONDS DE GARANTIE AUTOMOBILE	5	5	-
57.	MUSEE NATIONAL DU RWANDA	8	8	-
58.	B.N.R	46	44	2
59.	B.R.D	34	31	3
60.	U.B.P.R	16	14	2
61.	B.K	1	1	-
62.	Banki y'Imiturire	15	15	-
	Igiteranyo	**1617**	**1463**	**154**

5. Intara, Umujyi wa Kigali, Uturere n'Imirenge

N°	**Aho bakorera**		**Abazihawe**	**Abazigaruye**	**Abatarazigaruye**
1.	Intara n'Umujyi wa Kigali	Abaguverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali	5	5	-
		Abakozi b'Intara n'ab'Umujyi wa Kigali	25	21	4
2.	Uturere n'Imirenge		756	680	76
	Igiteranyo		**786**	**706**	**80**

6. Amashuri yisumbuye

N°	Aho bakorera	Abazihawe	Abazigaruye	Abatarazigaruye
1.	Ibigo by'Amashuri	368	294	74
	Igiteranyo rusange	**4132**	**3679**	**453**
	Ijanisha	**100%**	**89%**	**11%**

Icyitonderwa : Abayobozi n'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi 30 bujuje udutabo tw'imenyekanishamutungo badushyikiriza Umutwe wa Sena.





7.Imitwe ya Politiki

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 25 y'Itegeko ngenga n° 16/2003 ryo ku wa 27/06/2003 rigenga Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki, buri mwaka, bitarenze tariki 31 Werurwe y'umwaka ukurikira umwaka w'ingengo y'imari, imitwe ya politiki igomba gushyikiriza Urwego rw'Umuvunyi ibitabo by'imicungire y'imitungo y'amashyaka.

Iyi mbonerahamwe irerekana Imitwe ya polititiki yatanze ibitabo by'imicungire y'umutungo.

N°	**Amashyaka yabitanze**		**Amashyaka atarabitanze**
1.	Front Patriotique Rwandais		Parti Démocrate Idéal
2.	Parti Social Démocrate		Parti du Progrès et de la Concorde
3.	Parti Libéral		Parti Socialiste Rwandais
			Parti Démocrate Centriste
			Parti de la Solidarité et du Progrès
			Union Démocratique du Peuple Rwandais
Igiteranyo cy'amashyaka yose		: 9	
Igiteranyo cy'amashyaka yabizanye		: 3	
Igiteranyo cy'amashyaka atarabizanye		: 6	

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi kopi ya raporo y'uko imitungo y'amashyaka yifashe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 24 y'itegeko ryavuzwe haruguru uretse ishyaka UDPR.

IV.2. GUKORA URUTONDE RW'ABANTU BATITABIRA IGIKORWA CY'IMENYEKANISHAMUTUNGO

Imbonerahamwe ikurikira irerekana uko igikorwa cy'imenyekanishamutungo kitabiriwe mu myaka itatu kimaze gikorwa.

Umwaka	Ibitabo byatanzwe	Ibitabo byakiriwe	Ibitabo bitagarutse
2004	3.267	2.770 (84%)	497 (16%)
2005	3.490	2.523 (72%)	967 (28%)
2006	4.132	3679 (89%)	453 (11%)

Mu mwaka wa 2004, umubare munini w'abantu batakoze imenyekanishamutungo watewe n'ivugurura ry'inzego z'ubutabera ; abashinjacyaha n'abacamanza ntibakoze imenyekanishamutungo kuko batari baziko bazakomeza imirimo.

Mu mwaka wa 2005 Urwego rw'Umuvunyi rwatanze ibitabo by'imenyekanishamutungo mbere y'ivugurura ry'inzego z'ubutegetsi za Leta ku buryo iryo vugurura ryatumye abakozi benshi bateganywa n'itegeko batazitanga kuko bari bataziko bazaguma mu myanya barimo.

Mu mwaka wa 2006 abateganywa n'Itegeko bitabiriye imenyekanishamutungo ku buryo bushimishije kuko abakozi bamaze gushyirwa mu myanya. Umubare wa 11 % uterwa n'uko hari imyanya imwe n'imwe itari yuzuzwa mu nzego za Leta.

Urwego rw'Umuvunyi ruzakomeza gushishikariza abateganywa n'itegeko ko imenyekanishamutungo ari itegeko mbere y'uko rukoresha ubundi buryo buteganywa n'itegeko. Imbonerahamwe ikurikira irerekana abantu batitabiriye imenyekanishamutungo nk'uko byari biteganijwe mu myaka igaragara mu mbonerahamwe.

	Imyaka	Umubare w'abantu
1	2004-2005-2006	**2**
2	2004-2005	**77**
3	2006	**453**

Urwego rw'Umuvunyi rwabandikiye amabaruwa abasaba ibisobanuro bigaragaza impamvu batitabiriye igikorwa cy'imenyekanishamutungo mbere y'uko rubasabira ibihano.

IV.3. GUSUZUMA INYANDIKO Z'IMENYEKANISHAMUTUNGO

Mu mwaka wa 2006 Urwego rw'Umuvunyi rwakoze isuzuma ry'imitungo y'abantu bari mu byiciro bikurikira:

1. abayobozi bose b'ibigo bya Leta, Abanyamabanga Bakuru bashya bashyizwe mu myanya, Abasirikare n'abapolisi bakuru batasuzumwe mu mwaka wa 2005 n'abasirikare bafite ipeti rya Majoro. Hasuzumwe imitungo y'abantu 280. ibyagenzuwe bigizwe n'imitungo yimukanwa n'itimukanwa aho iri hose; Urwego rwasanze imitungo yagenzuwe ihuye n'iyanditse.

2. abakozi b'Ikigo cy'igihugu gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro bagaragaje imitungo ifite agaciro kanini batabashije gusobanura neza inkomoko yayo; nk'uko byagaragajwe muri raporo y'ibikorwa y'Umwaka 2005. Bamwe basobanuye inkomoko y'imitungo yabo

Urwego rusanga bihuje n'ukuri, abandi baracyakurikiranwa n'inzego zibishinzwe. Hari icyiciro cy'abahoze ari abakozi b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro bagiye mu mahanga, Urwego rukaba rutarabashije gusoza iperereza ku nkomoko y'umutungo wabo.

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze kandi isuzuma ry'inkomoko y'amazu y'abayobozi b'ibigo bya Leta 36. Inkomoko z'imitungo itimukanwa igizwe ahanini n'amazu bayibonye ku nguzanyo za banki nk'uko bari barabyanditse. Mu iperereza urwego rw'umuvunyi rwasanze barahawe koko inguzanyo n'amabanki akorera mu Rwanda.
Igikorwa cyo gukora isuzuma ry'inkomoko y'imitungo itimukanwa rizakomeza mu mwaka wa 2007.

Mu myaka itatu Urwego rw'Umuvunyi rumaze rukora rwakoze isuzuma ry'inyandiko z'imenyekanishamutungo zigera ku 1.116**.**

V. UBURYO BWAKORESHEJWE MU GUSHYIRA MU BIKORWA INSHINGANO Z'URWEGO RW'UMUVUNYI

Urwego rw'Umuvunyi rwujuje inshingano rukoresheje amafaranga rwagenewe mu ngengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2006.

Mu kurangiza inshingano rwakoresheje abakozi rufite kandi rubongerera ubushobozi kugira ngo barusheho kunoza imikorere yabo. Ni muri urwo rwego hateguwe amahugurwa akurikira :

- amahugurwa ajyanye no gukemura amakimbirane ;
- amahugurwa y'uburyo bwo gutegura inyandiko zinyuranye no gukora raporo (techniques de rédaction) ;
- amahugurwa y'uburyo bwo gukora igenzura ry'imirimo n'iyubahiriza ry'inshingano ;
- amahugurwa yo gukoresha mudasobwa.

Mu kongerera ubumenyi abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi haguzwe ibitabo binyuranye byo kubafasha kwihugura ubwabo.

Mu kumenyekanisha Urwego rw'Umuvunyi hateguwe inyandikompine zisobanura imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, akarengane na ruswa ; ikiganiro gihita kuri radiyo buri wa gatatu w'icyumweru ; ibiganiro byihariye byanyujijwe ku maradiyo akorera mu Rwanda, amaradiyo mpuzamahanga n'itangazamakuru ryandika rusobanura imiterere, imikorere n'ibyo u Rwanda rumaze kugeraho mu gukumira no kurwanya ruswa.

Mu rwego rwo kumurikira abanyarwanda ibyo Urwego rwagezeho rwakoresheje ibiganiro mbwirwaruhame ku bikorwa rumaze kugeraho n'ingamba rwafashe yo kurwanya no gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Mu mikoranire n'izindi nzego Urwego rw'Umuvunyi rwatanze amahugurwa mu ngando zateguwe na Komisiyo y'ubumwe n'ubwiyunge ku banyeshuri bemerewe kwiga kaminuza n'amashuri makuru mu Rwanda, mu ngando zateguriwe abari n'abategarugori bo mu nzego z'ibanze n'ingando z'abasezerewe mu ngabo.

Urwego rwateguye kandi amahugurwa yagenewe abanyamakuru hagamijwe kubakangurira ubufatanye mu gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Mu rwego rw'ubutwererane Urwego rw'Umuvunyi rwitabiriye inama y'Ishyirahamwe ry'Abavunyi bo muri Afurika ; inama mpuzamahanga yo kurwanya ruswa yabereye i Beijing n'inama yerekeye imikorere ya Polisi mu Karere. Rwakiriye kandi abashyitsi batandukanye barimo uhagarariye Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Rwanda, Umukozi muri Minisiteri y'ububanyi n'amahanga ya Kanada ushinzwe ubutwererane na Afurika ; Minisitiri wo mu gihugu cya Suede ushinzwe ubutabera, Abadepite bo mu gihugu cy'Uburundi, abanyamakuru bo mu gihugu cya Tanzaniya, abakozi ba Porogaramu y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Iterambere (PNUD).

Mu rwego rwo kwifatanya n'abanyarwanda bahuye n'akarengane, Urwego rw'Umuvunyi rwasuye inzibutso za genocide zitandukanye n'abanyarwanda birukanywe mu gihugu cya Tanzaniya.

Urwego rw'Umuvunyi rwifashishije kandi ikoranabuhanga mu mikorere yarwo ya buri munsi ijyanye n'ibibazo by'abaturage, inyandiko z'imenyekanishamutungo, icungamutungo.

Mu rwego rwo kunoza imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi hakozwe ibikorwa bikurikira :

- Urwego rw'Umuvunyi rwateguye umushinga w'Iteka rya Perezida rishyiraho amategeko ngengamikorere y'Urwego rw'Umuvunyi ;
- Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye imirimo muri Komisiyo ya politiki y'Inteko Ishinga amategeko Umutwe w'Abadepite iyigwa ry'Itegeko rigenga imyitwarire y'abayobozi;
- Urwego rwashyizeho uburyo bwo kugenzura imikorere y'amashami arugize hagamijwe kureba uburyo inshingano rwahawe zishyirwa mu bikorwa ku buryo bunoze ;
- Mu mwaka wa 2006, Urwego rwakoresheje isuzumabikorwa ry'Urwego hagamijwe kureba icyo Urwego rwahindura mu mikorere yarwo kugira ngo rutange serivisi nziza ku baturage ;
- Habaye kandi inama zinyuranye z'Abavunyi zigamije gushyiraho politiki rusange y'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, habaye kandi inama z'abayobozi b'Amashami zigamije gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Abavunyi.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana uko ingengo y'imari y'umwaka wa 2006 yakoreshejwe

Itegeko ry'Ingengo y'imari 010515	**Ingengo y'Imari 2006**	**Amafaranga ari muri BNR**	**Amafaranga yakoreshejwe**	**Asigaye muri BNR**	**Asigaye ku ngengo y'imari 2006**
D33101 Imishahara y'Abamandateri	2 756 160 *10 000 000	8 443 217	8 443 217	0	1 643 734
D 33104 Imishahara y'abasusitati	19 540 872 *193 693 448	68 369 530	68 369 530	0	95 325 956
D33107 Ibirarane (Regularisation)	10 000 000 *0	▪16 032 191 805 101	▪16 032 191 805 101	0	- 805 101
D 33201 Amafaranga y'urugendo	64 728 000 *22 086 856	30 033 447	30 033 447	0	- 7 950 591
D 33202 Amafaranga y'icumbi	64 920 000 *30 599 064	29 545 847	29 545 847	0	1 053 217
D 33206 Amafaranga yo gutabara abagize ibyago	2 052 632 *0	1 700 036	1 700 036	0	- 1 700 036
D 33209 Ibindi ba Mandateri bemerewe	43 800 000 *33 800 000	▪8 247 151 18 844 475	▪8 247 151 18 844 475	0	6 710 374
D 33210 Ibindi Abakozi bemerewe	98 280 000 *0	▪45 255 943 46 706 789	▪45 255 943 46 706 789	0	- 57 160019
D33213 Umusoro ufatirwa ku mushahara TPR	28 644 144 *0	▪2 015 156	▪2 015 156	0	- 2 015 156

D 33301 Amafaranga Leta itangira abamandateri muri CSR	1 137 808 *1 000 000	958 816	958 816	0	235 168
D 33304 Amafaranga Leta itangira abasusitati muri CSR	7 939 456 *7 000 000	5 28 6 821	5 28 6 821	0	2 329 208
D 33307 Ibirarane (CSR)	12 995 752 *7 239 624	810 013	810 013	0	6 429 611
D 33401 Amafaranga Leta itangira abamandateri muri RAMA	206 712 *5 000 000	1 234 191	1 234 191	0	3 765 809
D 33404 Amafa ranga Leta itangira abasusitati muri RAMA	1 409 268 *18 064 508	2 986 126	2 986 126	0	13 442127
D 33406 Abanyakabyizi	12 995 752 *10 995 752	5 248 938	0	5 248 938	5 746 814
D 33501 Ibikoresho byo mu Biro	16 779 740	21 779 740	20 954 659	825 081	0
D 33505 Amazi n'amashanyarazi	5 750 600	6 059 636	3 147 252	2 912 384	0
D 33510 Ibikoresho bya tekiniki	15 677 748	15 677 748	25 476 076	-9 798 311	0
D 33511 Ibikoresho by'ikoranabuhanga	18 000 000	25 280 121	21 116 407	4 163 714	0

D 33525 Ibindi bikenerwa	5 091 860	5 091 860	2 547 533	2 544 327	0
D 33602 Gufata neza inzu y'ibiro	4 416 744	12 416 744	13 978 911	- 1 562 167	0
D 33608 Gufata neza ibikoresho byo mu biro	4 812 568	4 812 568	455 910	4 356 658	0
D 33609 Gufata neza ibikoresho bya tekiniki	2 211 284	2 211 284	2 678 150	- 463 166	0
D 33701 Amafaranga y'ingendo mu gihugu	7 700 000	7 700 000	553 200	7 146 800	0
D 33702 Amafaranga y'ingendo hanze y' igihugu	14 395 092	14 834 776	1 776 040	13 058 726	0
D 33705 Amafaranga y'ubutumwa mu gihugu	20 262 000	20 262 000	13 246 754	7 015 246	0
D 33706 Amafaranga y'ubutumwa hanze y'igihugu	14 583 760	14 583 760	1 927 646	12 656 114	0
D 33801 Gukodesha inzu	15 711 776	15 711 776	12 979 731	2 732 045	0
D 33803 Gukodesha amamodoka	50 614 600	75 954 600	9 5297 716	-19 343 116	0
D 33807 Gukodesha ibyumba	3 320 000	3 320 000	267 100	3 052 900	0

D 33809 Ifatabuguziry'ibitabo n'ibinyamakuru	7 000 000	7 000 000	3 839 406	3 160 594	0
D 33811 Gufotora no gucapisha inyandiko	11 264 024	11 264 024	9 892 605	1 371 419	0
D33813 Amafaranga yo guhagararira ikigo (Frais de représentation)	3 000 000	3 000 000	2 342 456	657 544	0
D 33814 Amafaranga yo kuranga ; kumenyesha mu itangazamakuru	7 964 280	7 964 280	7 766 658	197 622	0
D 33816 Amahugurwa n'ibiganiro	18 811 200	18 811 200	17 988 400	822 800	0
D 33817 Amafaranga y'iminsi mikuru ya leta (Frais de réceptions officielles)	6 626 460	10 626 460	7 573 128	3 053 332	0
D33822 Amafaranga y'amahugurwa	11 977 536	17 977 536	18 814 628	-437 092	0
D 33824 Guhugura abakozi	13 144 304	13 144 304	9 094 368	4 049 936	0
D 33825 Amafaranga y'iposita	2 545 932	2 545 932	1 863 866	682 066	0
D 33826 Itumanaho (Terefoni, fagisi na interineti)	14 537 104	14 537 104	16 949 762	- 2 412 658	0

D 33829 Gusemura inyandiko	7 268 896	7 268 896	3 590 494	3 678 402	0
D 33832 Amafaranga y'ubwishinginzi	3 226 436	3 226 436	1 746 832	1 479 604	0
D 33835 Amafaranga ya siporo n'imyidagaduro	1 500 000	1 500 000	412 461	1 087 539	0
D 33 839 Amafaranga yo kwamamaza	3 280 000	3 280 000	6 851 539	- 3 571 539	0
D 33850 Amafaranga ku mpuguke zifashishijwe	13 909 300	13 909 300	12 393 519	1 515 781	0
D 33858 Ipererereza	21 926 468	21 926 468	20 930 000	996 468	0
CAISSE				**380 937**	
BANQUE				**55 389 998**	
TOTAL	**726 716 268 *686 788 964**	**▪71 550 441 604 386 219**	**548 615 284**	**55 770935**	**67 051135**

Icyitonderwa:

* Gasobanura ihindagurika ry'ingengo y'imari.

▪ Gasobanura amafaranga yishyuwe ku ngengo y'imari atanyuze kuri konti 120.14.05 y'Urwego rw'Umuvunyi.

Mu mwaka wa 2006 Urwego rw'Umuvunyi rwagenewe ingengo y'imari ingana n'amafaranga miliyoni magana arindwi na makumyabiri n'esheshatu n'ibihumbi magana arindwi na cumi na bitandatu n'amafaranga magana abiri na mirongo itandatu n'umunani (726 716 268 Frw) ; iyo ngengo y'imari yaje guhinduka kubera ivugurura ry'imishahara, rugenerwa ingengo y'imari ingana na miliyoni magana atandatu na mirongo inani n'esheshatu n'ibihumbi magana arindwi na mirongo inani n'umunani n'amafaranga magana cyenda na mirongo itandatu n'ane (686 788 964

Frw). Muri iyo ngengo y'imari hari amafaranga Urwego rutahawe angana na miriyoni mirongo itandatu n'irindwi n'ibihumbi mirongo itanu na kimwe n'amafaranga ijana na mirongo itatu n'atanu (67 051 135 Frw) yagombaga kwishyurwa abakozi batarashyirwa mu myanya.

Ku ngengo y'imari Urwego rw'Umuvunyi rwagenewe hakoreshejwe amafaranga angana na miliyoni magana atandatu mirongo irindwi n'itanu n'ibihumbi magana cyenda na mirongo itatu na bitandatu n'amafaranga magana atandatu na mirogno itandatu (675 936 660 Frw); aya mafaranga aturuka kuri 71.550 441 Frw + 604 386 216 Frw.

Nk'uko imbonerahamwe ibyerekana amafaranga y'Urwego rw'Umuvunyi asigaye ni miliyoni mirongo itanu n'eshanu n'ibihumbi magana arindwi na mirongo irindwi n'amafaranga magana cyenda na mirongo itatu n'atanu
(55 770 935 Frw).

VI. UBURYO BIMWE MU BYIFUZO BYARI MURI RAPORO YA 2005 BYASHYIZWE MU BIKORWA

N°	Ikibazo/ ingorane zagaragaye muri raporo 2005	Icyifuzo cyatanzwe	Icyakozweho muri 2006
1	Ibibazo bijyanye n'imiturire n'amasambu	Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yasabwe kurushaho gushishikariza abayobozi b'inzego z'ibanze kwegera abaturage no gukemura ibibazo byabo byunguranyweho ibitekerezo mu nama bagirana na bo.	Iyo Minisiteri yagize uruhare runini mu ivugurura ry'inzego z'ubutegetsi bwa Leta, inzego z'ibanze zihabwa abakozi n'abayobozi bafite ubumenyi n'ubushobozi. Urwego rw'Umuvunyi rukaba rushima icyo gikorwa kuko ahenshi usanga abo bayobozi n'abakozi bita ku nshingano zabo.
2	Imikorere	Minisiteri y'ubutabera yasabwe	Iryo tegeko ryaravuguruwe

	y'Abunzi	kwihutisha ivugurura ry'Itegeko Ngenga rigena imiterere, ububasha n'imikorere bya Komite z'Abunzi no kurushaho kubahugura ku bijyanye n'inshingano zabo	n'amahugurwa yatangiye gutangwa. Mu gihe cyo gutegura iyi raporo ibikoresho byose ntibiragera ku nteko y'abunzi.
3	Ibibazo byo mu burezi	Minisiteri y'uburezi yasabwe kurushaho kwegera ibigo by'amashuri kugira ngo isuzume kandi ishakire umuti ibibazo biri mu burezi ndetse inafate ingamba zo gukumira ibishobora kuvuka.	Bimwe mu bibazo byari mu burezi byatangiye gushakirwa umuti nko kubakira bimwe mu bigo byahoze ari ibya ESI (Ecoles Secondaires Inférieures); n'ubwo inzira ikiri ndende. Leta kandi yongereye uburezi ingengo y'imari ya 2007.
4	Ikibazo cy'abanyeshuri bishyurirwa amafaranga y'ishuri inshuro ebyiri n'ibigega cyangwa imiryango ifasha abana b'imfubyi	Minisiteri y'uburezi yasabwe gushyiraho uburyo bwo kugenzura no guhuriza hamwe ibikorwa by'iyo miryango n'ibigega, kandi bigashishikarizwa kujya byishyurira igihe.	Ntakirakorwa
5	Ikibazo cy'iyimurwa ry'abantu kubera imirimo ifitiye igihugu akamaro.	Minisiteri y'ubutaka yasabwe kwihutisha ivugurura ry'Iteka rya Minisitiri n° 18.08/1185 ryo ku wa 22/04/1996 rihindura ibiciro bihabwa abimuwe mu byabo kubera imirimo ifitiye Igihugu akamaro ritakijyanye	Ntakirakorwa

		n’igihe kubera izamuka ry’ibiciro ku masoko.	
6	Ibibazo byagaragaye mu Isanduku y’Ubwiteganyirize bw’Abakozi y’u Rwanda	- Amategeko agena ubwiteganyirize bw’abakozi yari akwiye kuvugururwa mu ngingo zimwe zayo hagamijwe gukemura ikibazo cy’abantu bagiye bakora mu mahanga (cyane muri Kongo) batahuka bagakomeza akazi mu Rwanda bakaba badashobora guhabwa amafaranga y’izabukuru kubera ko imyaka bagiye bakora muri ibyo bihugu idashobora kubarirwa hamwe ngo igere ku myaka iteganywa n’itegeko; - Abakoresha bakwiye kwita ku gikorwa cy’imenyekanishamishahara no gutanga imisanzu ku gihe kuko iyo bidakozwe bigira ingaruka mbi ku bakozi cyangwa abafite uburenganzira ku bwiteganyirize mu gihe cyo gusaba amafaranga y’ingoboka cyangwa y’ubwiteganyirize; inzego bireba zigomba gushishikariza abakozi kumenya imisanzu y’ubwiteganyirize bwabo nk’uko iba yabazwe n’abakoresha, bakanamenya ko yageze mu	Ntakirakorwa

		Isanduku y'ubwiteganyirize koko; - Urwego rw'Umuvunyi rwasabye Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo, gufasha Isanduku y'ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda kubonera abakozi bashinzwe igenzura ry'imenyekanishamushahara ububasha bw'ubugenzuzi bw'umurimo kugira ngo babashe kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko agenga imenyekanishamushahara; - Hari ibirarane byinshi cyane Leta ifitiye abakozi bijyanye n'Isanduku y'Ubwiteganyirize, ikaba ikwiye gushaka uko yagenda ibigabanya kugeza igihe izabirangiriza. Ikwiye kandi gushyiraho gahunda yo kubyishyura kandi ikayimenyesha abo bireba.	
7	Imikorere ya za Komite za FARG	Urwego rwasabye ko habaho inzego zikurikirana uburyo iryo jonjora rikorwa mu mirenge ndetse ko zarushaho gukorera mu mucyo.	Iki gikorwa ubu gikurikiranwa na FARG ku buryo kuri buri murenge ukorerwamo ijonjora hari umukozi wa FARG ku rwego rw'igihugu ugikurikirana.

VII. INGORANE URWEGO RW'UMUVUNYI RWAHUYE NA ZO

- Umubare w'abakozi wakomeje kuba muto cyane (33) ugereranyije n'inshingano nyinshi kandi zigoye Urwego rufite;
- Bamwe mu bayobozi batarangiza ibibazo by'abaturage ku gihe cyane cyane hakurikijwe imyanzuro cyangwa inama Urwego rw'Umuvunyi ruba rwabagejejeho, cyangwa se ngo barugaragarize impamvu bidakemurwa;
- Abantu buzuza nabi agatabo k'inyandiko igaragaza imitungo bakibagirwa ibintu by'ingenzi nko kwandika umwirondoro wabo, kudasobanura aho umutungo uherereye no kutavuga agaciro k'ibintu;
- Kutamenyeshwa abantu bose bavuye ku mirimo kugira ngo bahabwe ibitabo nk'uko biteganywa n'amategeko.

VIII. IBYIFUZO

Hari inshingano zituzuzwa ku gihe n'inzego z'ibanze bitewe no kutagira amikoro ahagije, inshingano z'umuhuzabikorwa w'akagari n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'akagari zidasobanutse bigatuma umuhuzabikorwa w'akagari akora imirimo buri munsi bikabangamira akazi ke gasanzwe kamutunze. Urwego rw'Umuvunyi rurasaba Minisiteri ifite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo kwihutisha amategeko cyangwa amateka agenga imiyoborere mu nzego z'ibanze ku buryo amikoro abonekera igihe ku murenge n'inshingano ku rwego rw'akagari zigasobanuka neza.

Hari amategeko menshi ashyirwaho ntasobanurirwe abaturage kandi abafiteho ingaruka. Urwego rw'Umuvunyi rurasaba Minisiteri y'Ubutabera ko yashyira ingufu mu gusobanurira abaturage amategeko muri rusange n'afite ingaruka ku buzima bwabo bwa buri munsi by'umwihariko.

Hari ibibazo birebana na buruse zihabwa abanyarwanda bajya kwiga mu mahanga zitabonekera igihe abanyeshuri bakarangiza icyiciro cy'amashuri biga badahawe buruse nk'uko biba bikubiye mu masezerano bagiranye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gucunga buruse mu Rwanda (SFAR).

Kudahabwa buruse bituma abanyeshuri barangiza amashuri ntibatahane impamyabumenyi yabo kuko baba batarishyuye amafaranga yose cyangwa bagataha bafite imyenda myinshi yatuma ibyo bigo bitagirira icyizere abanyeshuri baturutse mu Rwanda.

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ko SFAR yajya yubahiriza amasezerano yagiranye n'abanyeshuri yemereye kujya kwiga mu mahanga.

Inzego z'ibanze zirasabwa gushyira ingufu mu gusobanurira abaturage politiki na gahunda za Leta, kandi hakaba ibikorwa ntangarugero bikozwe n'abaturage ku rwego rw'akagari, rw'umurenge n'urw'akarere kugira ngo abandi babirebereho kugira ngo bahindure imyumvire ya bamwe babifata nk'akarengane barusheho kubyumva.

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 23 y'itegeko n° 25/2003 ryo ku wa 15/08/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, Urwego rurashishikariza inzego zigenerwa raporo yarwo kugira icyo ziyikoraho kugira ngo zirusheho kurufasha kuzuza inshingano zarwo.

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba Minisiteri y'ubuzima gukora igenzura mbere yo gutanga uburenganzira bwo gufungura ivuriro no gushyiraho gahunda yo kugenzura uburyo hatabaho igongana ry'inyungu y'abaganga bakorera ibitaro bya Leta bifuza gufungura amavuriro yabo.

Mu rwego rwo kurengera ibidukikije no kurinda ingaruka mbi ku buzima bw'abantu, Ibitaro bya CHUK nibyo byonyine bifite ahatwikirwa imiti ishaje n'imyanda biturutse mu Mujyi wa Kigali. Iyo huzuye bimenwa hanze y'ahatwikirwa imiti byanyagirwa amazi abivamo akaba yagira ingaruka mbi ku bantu no ku bidukikije. Urwego rw'Umuvunyi rurasaba inzego bireba nka MINISANTE, Umujyi wa Kigali n'izindi kwihutisha iyubakwa ry'andi mazu atwikirwamo imyanda.

Urwego rumaze kubona ko abacuruza imiti bishyiriraho ibiciro uko bishakiye bagahenda abaturage cyane ku kintu nkenerwa kandi kamara, rwasanze bikwiye ko MINISANTE yatekereza ku gusuzuma niba politiki yo gushyiraho ibiciro no kubigenzura ari yo yaba nziza kurusha iriho

y’ubwisanzure cyangwa se Minisiteri y’Ubuzima, abacuruzi n’abaguzi b’imiti bakishyira hamwe mu gushyiraho ibiciro nk’uko bikorwa na Minisiteri y’Ubucuruzi mu kugena ibiciro by’ibikomoka kuri peterori.

UMWANZURO

Raporo y’ibikorwa by’Urwego rw’Umuvunyi y’umwaka wa 2006 iragaragaza ibyagezweho hakurikijwe inshingano rwahawe.

Urwego rwakoreye ubuvugizi abarugejejeho ibibazo bikomoka ku itinda ry’ivugurura ry’amategeko mu nzego bireba. Rwagize uruhare kandi mu gukemura ibibazo rwagejejweho haba ku cyicaro cyangwa mu ngendo rukorera hirya no hino mu Turere.

Urwego rw’Umuvunyi rwasanze mu guhuza umuturage n’izindi nzego za Leta n’izigenga bifasha mu gukemura ibibazo byagaragaye hagati y’impande ebyiri bukaba na bumwe mu buryo bwo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n’ibyaha bifitanye isano na yo.

Urwego rw’Umuvunyi rwasuye inzego za Leta zitandukanye rusuzuma niba imikorere yazo idaha icyuho akarengane, ruswa n’ibyaha bifitanye isano na yo; hasuwe inzego z’ubuzima zirimo amavuriro, farumasi, ibigo bishinzwe gukurikirana ubwandu bw’agakoko gatera SIDA n’inzego z’amashuri.. Muri rusange imikorere yazo ihuje n’inshingano zahawe, aho Urwego rw’Umuvunyi rwabonye ibibazo rutanga inama z’uburyo byakemurwa kandi zimwe muri izo nzego zatangiye gushyira mu bikorwa inama zahawe.
Nk’uko Itegeko rigena imiterere n’imikorere y’Urwego rw’Umuvunyi ribiteganya, Urwego rw’Umuvunyi rufite inshingano yo kugira inama guverinoma, inzego za Leta n’izigenga ku bibazo by’akarengane na ruswa hagamijwe guteza imbere imiyoborere myiza. Ni muri urwo rwego hari ibibazo byinshi byashyikirijwe inzego bireba kugira ngo zibikemure hakurikijwe inama zatanzwe n’Urwego rw’Umuvunyi.

Ruboneyeho gusaba ko izo nzego zajya zikemura ibyo bibazo mu gihe gikwiye kandi bakamenyesha Urwego rw'Umuvunyi uko byakemutse.

Urwego rw'Umuvunyi kandi rwasanze ibibazo bigenda bigabanuka kuko abayobozi n'abakozi b'inzego z'ibanze bagaragaje ubushake bwo kubikemura. Niyo mpamvu Urwego rwiyemeje kubakangurira gukorera mu mucyo rubinyujije mu mahugurwa.

Kubera imikoranire myiza hagati y'Urwego rw'Umuvunyi n'inzego z'ibanze yagaragaye mu mwaka wa 2006, Urwego rw'Umuvunyi rurashima ubushake n'umurava abayobozi n'abakozi b'izo nzego mu kurinda abaturage gusiragira mu nzego zinyuranye, rurasaba by'umwihariko gushishikariza abaturage kugira uruhare mu kwikemurira ibibazo.

Urwego rw'Umuvunyi rurashima inzego zose zarufashije kuzuza inshingano zarwo mu gukemura ibibazo by'akarengane na ruswa no mu kurugira inama kugira ngo rurusheho kunoza imikorere yarwo.